



Amabwiriza ku Bigisha

Igihe cya Bibiliya Ishuri rya 3 na 4

Icyiciro B
Amasomo 1-6

Bible Educational Services

Umuryango Udaharanira Inyungu ubarizwa mu Bwongereza UK (No 1186004)

Ibyo tugamije

Gutegurira amasomo ya Bibiliya abazayageza ku bandi barekana ukuri kwa Kristo ku rubyiruko mu isi.

Iyerekwa

Kugeza inyigisho zacu ku rubyiruko mu bihe biri imbere, mu rurimi rwabo mu guteza imbere no gushyigikira imikoranire hagati y'abafatanyabikorwa babyiyemeje.

AMAKURU Y'IBANZE

Icyo 'Bible Educational Services' ikora:

Bible Educational Services (BES) yandika amasomo ya Bibiliya mu cyongereza yitwa "Bibletime" (Igihe cya Bibiliya), "New Life" (Ubugingo Bushya) na "Gleaners" kandi igashyigikira amashuri ya Bibiliya mu buryo bw'itumanaho n'indi miryango ikoresha amasomo ya BES mu Bwongereza no mu bindi bihugu, ikabikora mu kubasura, ku mbuga nkoranyambaga, inama n'amahugurwa. BES kandi ubu ifatanya n'amatsinda ari mu bindi bihugu, ahindura, agatunganya kandi agatanga amasomo. Amasomo agomba gutangirwa ubuntu ku banyeshuri bese.

Amasomo Igihe cya Bibiliya yakoreshejwe bwa mbere mu gihugu cya Irlande y'Amajepfo hashize imyaka irenga 60. Bible Educational Services ni yo itanga uburenganzira bwo gukoresha amasomo Igihe cya Bibiliya mu Cyongereza no mu ndimi zindi zose. Amasomo Igihe cya Bibiliya ubusanzwe yanditswe ku mpapuro A4 bifasha abanyeshuri ahantu aha n'aha, kuba buri byumweru bine bahereza izo mpapuro ah'ishuri rya Bibiliya rikorera ngo bakosorwe. Turashimira 'Every Home Crusade (Revival Movement) i Belfast, ko vuba aha yasohoye amasomo ku mezi atandatu mu mpapuro A5, amasomo akoresha mu matorero, mu mashuri ku buryo bworoheje, by'umwihariko aho imikorere y'i posita itameze neza.

Amasomo ya BES arihariye kuko yateguriwe kwigirwa mu rugo cyangwa mu itsinda (Itorero / Ishuri), agakurikira urutonde rwateguwe rutuma abanyeshuri bazakomeza kwiga kugera ku myaka 20. Hari ibyiciro bitanu by'amasomo bikurikiza imyaka y'abagize itsinda ari byo: incuke; imyaka 5-7; imyaka 8-10; imyaka 11-13; imyaka 14-16. Kuri buri tsinda, hari urutonde ku myaka itatu (reba p 4). Imyaka yo kujya mu itsinda iri n'iri ishobora guhinduka hakurikijwe ubushobozi bw'umuntu. Ibikoresho bigenewe Igihe cya Bibiliya biha abana umwanya wo kwiga Ijambo ry'Imana, kwiga Inkuru za Bibiliya no guhangana n'ibigoye bijyana n'Ubutumwa Bwiza mu mibereho yabo.

Amasomo yanditse wayabona mu Cyongereza urebye ku rubuga BES: www.besweb.com cyangwa ukabaza mu bunyamabanga bukuru. Amasomo aboneka kandi ku mbuga nkoranyambaga mu zindi ndimi. BES ifite ibitabo bishobora kugufasha niba ushaka kuba umufatanyabikorwa wacu. Ibyo bitabo nabyo wabisanga ku rubuga nkoranyambaga.

Aho wabariza BES

Umunyamabanga Mpuzamahanga n'Amajyaruguru (Uubiko bw'ibitabo by'amasomo y'Icyongereza)

37a Belmore Street, Enniskillen, Northern Ireland BT74 6AA

Simu: +44 286 632 2462

Umunyamabanga wo mu Bwongereza – Ushinzwe amasomo yose

Mr Stephen Gillham

Email: stephen.gillham@besweb.com

Urubuga nkoranyambaga: www.besweb.com

Imeli: info@besweb.com

Aho wabariza BES mu Rwanda

Pastor: Mbanzabugabo M. Aminadab

Imeli: aminambanza@yahoo.fr

Simu: +250786625297

AMABWIRIZA AGENEWE ABARIMU

Mu ntangiriro, amasomo 'Igihe cya Bibiliya' yakorewe gukoreshwa mu buryo bw'i Posita y'ishuri rya Bibiliya, ariko amasomo yakomeje kwiyongera no gukoreshwa aho ubwo buryo butari, by'umwihariko mu matorero no mu mashuri yo muri Afurika, mu Buhinde n'ahandi. Amabwiriza ku bigisha yateguriwe abakoresha inyigisho 'Igihe cya Bibiliya' bo mu miterere nk'iyi. Amabwiriza ku bigisha ari muri aka gatabo agenewe gukoreshwa ku byiciro 3 na 4 by'amasomo ku bana bafite imyaka 11 – 14+

Buri bwiriza ryo kwigisha rikurikiza imirongo ya Bibiliya itangwa no mu isomo 'Igihe cya Bibiliya'. Amasomo 'Igihe cya Bibiliya' n'amabwiriza byagenewe gukoreshwa buri cyumweru. Amasomo yo mu kwezi kwa kane avuga ku bya Pasika naho amasomo yo mu kwezi kwa cumi na kabiri akavuga ibyerekeye Noheli.

Bamwe mu bakoresha amasomo yanditse ku mpapuro A4 buri cyumweru, abandi bagakoresha udutabo A5 turimo amasomo 24. Ubusanzwe uwigisha cyangwa umuyobozi azatanga amasomo A4 ya buri kwezi, kandi buri cyumweru isomo rizigwa mu itorero cyangwa mu ishuri, cyangwa rikorerwe mu rugo nyuma rigarurwe mu cyumweru gikurikiraho. Ku mpera z'ukwezi uwigisha cyangwa umuyobozi azakusanya amasomo maze ayakosore, yohereze vuba amasomo ku banyeshuli.

Ibyiza byaba ugukoresha udutabo, maze nyuma ya buri cyiciro, udutabo tugakusanwa maze tugakosorwa. Ariko tubona kenshi bidashoboka. Biryoro mu ishuri udutabo dushobora kusaranganywa abanyeshuli, maze uwigisha cyangwa umuyobozi bagakosora amasomo mu gihe abanyeshuli bagenda batanga amanota ku mpapuro za bagenzi babo. Mu gatabo hari umwanya wagenewe amanota kuri buri somo ry'ukwezi, n'umwanya wo kuvuga uko umunyeshuli atera imbere. Hari kandi impamyabumenyi itangwa ku munyeshuli yerekana amanota umunyeshuli yagize kw'ijana mu gihe cy'amezi atandatu cy'amasomo.

UKO ABARIMU BATEGURA AMASOMO

Ntabwo dushaka gutanga amahame adaha umwanya abigisha ngo bakore ibintu mu buryo bwabo no mu buryo batekereza gukora. Ibikurikira n'ibyo tubabwira bishobora kubafasha mu gukoresha ibikoresho by'Igihe cya Bibiliya'.

- **Kuba uzi neza inkuru:** Abigisha bagomba kuba bazi inkuru ya Bibiliya n'isomo Igihe cya Bibiliya riyana n'iyi nkuru. Ibyiza n'uko uwigisha aba yarize iryo somo mbere. Amabwiriza kuri buri somo nayo akaba yaritondewe mu myiteguro ifasha ayo masomo.
- **Gusobanukirwa amasomo agomba kwigwa:** ku mutwe w'integuro ya buri somo uzabona amagambo 'Turiga ko' akurikiwe n'ibygwaho bibiri abana bazaba basobanukiwe nyuma yo kumva ibyo uwigisha yababwiye mu kwiga isomo 'Igihe cya Bibiliya'. icya mbere kigamijwe mu kwiga ni ugukoresha ubumenyi bw'iyi nkuru, icya kabiri ni ugushishikariza abana gutekereza ku bumenyi bakabukoresha bashaka ibisubizo. Ibyo bitekerezwaga ku kwiga ni ibivugwa neza by'ingenzi ku kuri kwigishwa mu isomo kandi abigisha bashobora kuba babikoresha mu isuzuma ryabo ku nyigisho n'ubumenyi bwatanzwe.
- **Gutangira:** ku masomo yose, dutangirira aho abana bafite inararibonye zabyo. Twatanze inzira zinyuranye zishobora gukoreshwa mu gutangira inkuru mu buryo butuma abana bagira uruhare mu kugira icyo bavugaga ku ngingo itangira inkuru.
- **Kwigisha:** twatanze ingingo z'ingenzi mu nkuru. Twiringira ko abigisha batazazisubiraho mu gihe batanga inkuru, ahubwo bazimenyereza inkuru kugira ngo bashobore kuyigisha mu buryo bwiza kandi bufasha. Uwigisha azashaka ko abana bumva amasomo y'ingenzi ari mu nkuru kandi abafashe gusobanukirwa icyo byabamarira kumenya icyo nkuru. Mu nshingano zacu twagerageje kubaririza ibisobanuro bimwe biri mu nkuru itanzwe. Buri gihe ibyo byanditse mu mukono *UBERAMYE*.
- **Kwiga:** Hari umurongo w'ingenzi ujyana na buri nkuru. Rimwe na rimwe haboneka imirongo ibiri, kuko twongeraho undi umurongo w'ingenzi uzorohereza abana kumenya. Twiringira ko abana bashobora kwiga imirongo y'ingenzi kandi bakayibutswa buri gihe uko bishoboka kugira ngo batangire bubakire ubumenyi kuri icyo mirongo ya Bibiliya y'ingenzi.
- **Kubyuzuzwa:** Mu miterere y'ishuri uzamenya ubushobozi bw'abana bwo kuzuzwa imikoro n'ibyo uwigisha agomba kugira mu kubafasha. Kuri bamwe, bizaba ngombwa ko uwigisha asoma igice cy'isomo mu gihe abana bamukurikira bityo bakamenyera ibivugwa. Abandi bana bashobora ubwabo kwisomera isomo. Ibyo ari byo

byose, hari igitekerezo cyo gukangurira abana kwita ku mabwiriza runaka aiyana ku bibazo. Niba ukoresha Igihe cya Bibiliya bitari mu buryo bw'ishuli, ni ngombwa kuba witeguye gufasha kugira ngo bitabonwa ko nta kamaro, cyangwa ko ari ukwisuzuma gusa. Bizanzeza umuntu kandi bimutere umwete ndetse byishimirwe mu gukora ikintu uwo muntu azi ko ari ingira kamaro.

- **Gusubiramo:** Uko bishoboka twatanze amahurizo, n'ibifasha kwiga, nk'uburyo bwo gusubiramo inkuru.
- **Kwerekana:** Turemera ko mu miterere imwe n'imwe kwerekana bizakorana ariko aho bishoboka ni ngombwa kwerekana amashusho, kujyana ku bintu bifatika kugira ngo bifashe gusobanukirwa inkuru. Ibyerekanwa bifasha mu buryo bukomeye mu gutanga inkuru. Aho bikwiriye muri buri somo twatanze amakuru ku by'amashusho wakura ku rubuga www.freebibleimages.org (FBI). Ahandi wakura ibikoresho by'amashusho ni: Eikon Bible Art (Info@eikonbibleart.com], ariko ibyo bikoresho biragurwa. Aho ushobora kubona icyuma gifotora, amwe mu mashusho ari muri Bibiliya wayafotora ukayakoresha mu kwigisha uyagize manini, uyasize amabara.

Kwigisha Umurongo w'Ingenzi

- 1) Umurongo uzandikwa ku rupapuro cyangwa ku kibaho, hagende hakurwamo amagambo amwe n'amwe, abanyeshuri nabo bagende basubiramo kuwusoma kugeza ubwo amagambo yose akurwamo, bagasoma batawureba.
- 2) Gutanga Umurongo w'Ingenzi ukoresha:
 - a) Uburyo bwa Hangman mu matsinda abiri – inyuguti izi n'izi – umwanya umurongo w'ingenzi utangwa izo nyuguti zikuwemo – abana bahitamo inyuguti bashaka kugeza ubwo hari umwe umenya wa murongo.
 - b) Urusobe rw'imurongo muri Bibiliya ruraboneka, maze imbaga y'abana bagashaka uwo murongo, uwubonye agasoma cyane.

Ingengabihe

- **Gahunda.** Twakomeje gahunda imwe mu mabwiriza ku kwigisha buri somo ariko bizaba iby'ubushake bw'abigisha kuba bahindura iyo gahunda igihe iki n'iki.
 1. Gutanga no kuvuga inkuru – byafata iminota 15
 2. Kwigisha umurongo w'Urufunguzo – Iminota 5 -10
 3. Kuzuza urupapuro rw'umukoro – iminota 20
 4. Ibibazo n'ibindi - iminota 5 -10

Zirikana uyu mugani w'ingenzi:

“Mbwira ariko nshobora kwibagirwa,
Nyereka nzibuka,
Nkoresha niho nzasobanukirwa.”

Integanyanyigisho y'Amasomo y'Igihe cya Bibiliya

| | ICYICIRO 0 (Incuke) ICYICIRO 1 (Imyaka 5-7) ICYICIRO 2 (Imyaka 8-10) | ICYICIRO 3 (Imyaka 11-13) | ICYICIRO 4 (Imyaka 14+) |
|--------------------|---|---|--|
| IBYIGWA BIBANZA | Isomo ry'intangiriro ku batangizi riri gutegurwa | Isomo ry'intangiriro ku batangizi riri gutegurwa | Isomo ry'intangiriro ku batangizi riri gutegurwa |
| ICYICIRO A | <ol style="list-style-type: none"> 1. Itangiriro 2. Nowa 3. Petero 4. Petero - Umusaraba 5. Aburahamu 6. Aburahamu 7. Petero 8. Petero 9. Yakobo 10. Abakristo ba mbere 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli | <ol style="list-style-type: none"> 1. Itangiriro 2. Nowa 3. Petero 4. Petero - Uusaraba 5. Petero 6. Aburahamu 7. Yakobo 8. Isengesho 9. Pawulo 10. Pawulo 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli | <ol style="list-style-type: none"> 1. Itangiriro& Kugwa 2. Iremwa - Itangiriro 3. Petero 4. Petero - Umusaraba 5. Petero 6. Aburahamu 7. Yakobo 8. Ubuzima bwa Gikristo 9. Pawulo 10. Pawulo 11. Pawulo 12. Inkuru ya Noheli |
| ICYICIRO B | <ol style="list-style-type: none"> 1. Imibereho ya mbere ya Kristo 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Imigani 6. Yosefu 7. Yosefu 8. Abantu bahuye na Yesu 9. Mose 10. Mose 11. Mose 12. Inkuru ya Noheli | <ol style="list-style-type: none"> 1. Imigani 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Abakristo ba Mbere 6. Yosefu 7. Yosefu 8. Abanditsi b'Ivanjili 9. Mose 10. Mose 11. Mose 12. Inkuru ya Noheli | <ol style="list-style-type: none"> 1. Imigani 2. Ibitangaza 3. Betaniya 4. Umusaraba 5. Abakristo ba Mbere 6. Yakobo& Umuryango we 7. Yosefu 8. Ibyakozwe 2: 42 - Gukomeza 9. Mose 10. Mose 11. Itegeko 12. Inkuru ya Noheli |
| ICYICIRO C | <ol style="list-style-type: none"> 1. Daniyeli 2. Ibitangaza byinshi 3. Abantu bahuye na Yesu 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi& Samweli 6. Dawidi 7. Dawidi 8. Yosuwu 9. Eliya 10. Elisha 11. Yona 12. Inkuru ya Noheli | <ol style="list-style-type: none"> 1. Daniyeli 2. Abantu Yesu yahuye nabo 3. Ibitangaza byinshi 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi 6. Samweli 7. Dawidi 8. Yosuwu 9. Eliya 10. Elisha 11. Abantu bakoreshejwe n'Imana - IK 12. Inkuru ya Noheli | <ol style="list-style-type: none"> 1. Daniyeli 2. Imigani ya Yesu 3. Imbaraga z'Umwami 4. Urupfu rwa Kristo 5. Rusi 6. Samweli 7. Dawidi 8. Yosuwu 9. Eliya 10. Elisha 11. Byinshi ku bantu bo mu IK 12. Inkuru ya Noheli |

B1 – ICYICIRO 3
Isomo 1 – Imigani
Icyigwa – Mugenzi wanjye ni nde?

Muri Bibiliya: Luka 10: 25-37

Umurongo w'Urufunguzo: Luka 10: 27

Turamenya ko:

1. Bagenzi bacu ni abakeneye ubufasha bwacu hatarebwe ubwoko cyangwa idini ryabo.
2. Iyo dukunda Imana tugaragaza urwo rukundo mu gufasha bagenzi bacu mu byo bakeneye by'umwuka, umubiri cyangwa ibikoresho.

GUTANGIRA ISOMO

Muvuge ku gisobanuro cya mugenzi wawe muganisha ku gitekerezo ko atari ukuba mwegeranye bikugira umugira neza we ahubwo ko ari ubugiraneza n'ubucuti twereka abafite icyo bakeneye tukabafasha aho baba bari hose.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no Gusobanura:

1. a) Umuntu waguye mu gico cy'abajura (**umurongo 30**) arafatwa, arakomeretswa, asigara ari intere.
b) Umutambyi n'Umulewi bamunyuraho.
c) Umusamariya agaragaza impuhwe (**u. 33**) amwomora ibikomere amuheka ku ndogobe ye amujyana mu icumbi asiga yishyuye ibizamufasha kugeza ubwo azaba agarutse. (**imirongo 33-35**)
2. a) Ingaruka yo gusuzugura kwa muntu mu Ngobyi ya Edeni, n'uko Imana itubona nk'abapfiriye mu byaha. (Abefeso 2: 1)
b) Imana yerekanye impuhwe kuri twe abanyabyaha maze yohereza Umwana wayo, Yesu Kristo muri iyi si kugira ngo mu rupfu rwe no kuzuka dushobore gukizwa icyaha n'ibyacyo mu buzima bwacu. Nk'Umusamariya Mwiza, Yesu yaje kuduha ibyo twari dukeneye.

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 1.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Mugenzi wanjye ni nde?

KURISUBIRAMO

Baza buri wese umenye niba bumva uko bakoresha uyu mugani. Gukunda Imana ni cyo kiza kuruta ibindi dushobora gukora mu buzima bwacu, kandi tugaragaza urukundo rwacu ku Mana dukunda, uwo ari we wese ukeneye urukundo.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ese abanyeshuri baba barahindutse?
2. Niba ari uko, tekereza uburyo bifata kuri mugenzi wabo, mu bucuti ku bantu bakurikira:
a) Umuntu utarahinduka; (umwuka)
b) Umuntu ufite ubumuga; (umubiri)
c) Abantu badafite ibyo kurya bihagije mu bice bimwe by'isi. (ibintu)

B1 – ICYICIRO 4
Inyigisho 1 – Imigani
Icyigwa – Abanyamwenda babiri

Muri Bibiliya: Luka 7: 36-50

Umurongo w'Urufunguzo: Abaroma 5: 1

Turamenya ko:

1. Turi abanyamwenda mu maso y'Umwami Yesu Kriso – twakize icyaha bityo dufite umwenda ku Mana.
2. Niba twarababariwe icyaha cyacu, urukundo no kuyoboka Umwami Yesu biranga ubuzima bwacu ari mu kwera no mu gukora umurimo byombi.

Tanga ibyahahise by'uyu mugani werekeza ku bivugwa:

- Abantu batatu – Umwami Yesu, umugore w'umunyabyaha n'Umufarisayo Simoni;
- Batatu batekerejwe – umunyamwenda, uwarimo umwenda w'idenariyo 500 n'undi warimo idenariyo 50
- Ibibazo bitatu – **imirongo 42, 44 na 49.**

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no Gusobanura:

1. Ukwiyumvaho gukiranuka kwa Simoni; amarira yo kwihana k'umugore, kwishima, urukundo no gushimira; n'Umwami Yesu wasomaga mu bitekerezo bya Simoni wumvaga ko Yesu yagombaga kwirukana uwo mugore w'umunyabyaha. (**imirongo 36-39**)
2. Uyu mugani ugamiye kwerekana ko Yesu atwishyurira. Twese turimo umwenda ku Mana, kandi igihe Yesu apfira ku musaraba, yishyuye umwenda wacu! Yesu yashakaga ko Simoni amenya ko nta rwego icyaha kigira. Bombi uwarimo idenariyo 50 n'umarimo idenariyo 500 ntawashoboye kwishyura ariko mbombi uwabaguriye arabababariye. (**imirongo 40-43**)
3. Simoni abajijwe uwarimo umwenda uzakunda kurutaho umugiraneza wababariye umwenda, avuga ko ari uwababariye agaharirwa byinshi. (**umurongo 42**) Yesu abwira Simoni kureba uwo 'mugore' n'urukundo yerekanye kuri we ugereranije n'uburyo Simoni atamwubashye ngo amwereke urukundo. (**umurongo 44**) Nanone Yesu avuga ko ashobora kubabariye ibyaha kandi ko kwizera k'umugore ari byo byamukijije atari ibyo yakoze. (imirongo 48-50)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi utere umwete abanyeshuri kuwumenya.

Igisha Inyigisho 1.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Abanyamwenda babiri.

Soma **Ibyakozwe 13: 38-39** maze muvuge uko ari incamake y'icyo Umwami Yesu yigishije muri iri somo. Soma **Abefeso 4: 32** muvuge uko abababariwe bagomba kugenzerezanya, n'ukuntu twumva ko twababariwe ibyaha byacu byose (imyenda) n'Imana.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Simoni yakiriye Umwami Yesu atamwitayeho kandi ntibigaragara ko yaba yarihanywe icyaha ngo ababariwe abone amahoro (**umurongo 50**)
2. Muvuge ku myifatire y'abanyeshuri kuri Yesu, ubabaze niba barihanywe icyaha cyabo bakakira imbabazi ze?
3. Niba barababariwe, ese igihe cyabo, ubumenyi n'ubutunzi bwabo babihira Umwami Yesu? Muvuge uko uwo mugore yabigenjeje.

B1 – ICYICIRO 3
Isomo 2 – Imigani
Icyigwa – Umutungu w’umukungu

Muri Bibiliya: Luka 12: 13-21

Umurongo w’Urufunguzo: Luka 12: 15

Turamenya ko:

1. Umukungu yari afite ubutungu bwinshi ariko yarahombye mu mwuka, kuko yashyize Imana kure mu buzima bwe.
2. Niba mu buzima bwacu, Imana ariyo dushyize imbere kuruta ibintu, Imana nayo izakoresha ubuzima bwacu kuyihesha icyubahiro, no mu bike dutunze.

GUTANGIRA ISOMO

Babwire ku butunzi bwifuzwa n’umuntu. Muvuge ku cyaha cy’ubugugu kandi urebe neza niba abana bumva ko umuntu mu kwikunda kwe no gushaka kwigwizaho ibintu byo ku isi, bidashoboka ko azajyana nabyo niyapfa. Reba ku Mategeko usobanure ko irya nyuma rivuga ngo ‘Ntukifuze’. (**Kuva 20: 17**)

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Yesu yise uwo muntu ‘umupfapfa’ yerekana ko atasobanukiwe agaciro k’ingenzi iby’umwuka birusha ibintu bya kamere bishira.
2. Yari ‘umupfapfa’ mu buryo bukurikira:
 - a) Ukutubaha Imana – yabagaho atitaye ku Mana. Ubuzima bwuzuyemo ibintu byinshi ariko hatarimo Imana, buba ari ubusa. Ntabwo yumvaga ko ibyo atunze byose bituruka ku Mana.
 - b) Ubutindi – ubu uwo mutunzi yari umutindi ku birebana n’ahazaza he h’iteka. Yari yarashyize umutima we ku butunzi aho kwushyira ku Mana.
 - c) Ukwiyekezaho byose - mu **mirongo 17-19**, reba uko byose ari we inshuro nyinshi mu mvugo nda..., Ntabwo Imana yamuhaye ubukire yari mu bitekerezo bye. Ndetse yitaga ubugingo kuba ari ubwe bwite!
 - d) Ibyo aharanira kugeraho – yabiyerekezagaho avuga umutekano we imyaka myinshi aruhuka, yinezera mu kurya no kunywa uko abyifuzaga. (**umurongo 19**)
 - e) Umuvumo – Imana atari yitayeho imubwira ko ‘anyagwa ubugingo bwe’. (**umurongo 20**) Imana niyo iduha ubuzima ikaba ishobora no kubutwambura.

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 2.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Umutungu w’umukungu.

KURISUBIRAMO

Umutungu w’Umukungu yakoze amakosa 3 akomeye:

1. Yabuze intego y’ubuzima. Soma **Abafilipi 1: 21** maze uvuge intego z’ubuzima bwa Pawulo.
2. Yakoresheje ubutungu abwiyekezaho. Soma **Abafilipi 4: 19** usobanure ukuntu Imana yita ku byo dukeneye mu gihe twita ku byo abandi bakeneye.
3. Yateganyirizaga ahazaza arimo gutakaza ubugingo. Soma **Mariko 8:36-37** maze ubone uko iyo mirongo ifitanye isano n’Umutungu w’Umukungu.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Tanga uburyo ibyo dufite twabifashisha abandi. Reba itandukaniriro riri hagati “y’ibyifuzo n’ibikenewe”
2. Abatari Abakristo, bashyire imbere y’ibindi ukwizera muri Kristo (**Yohana 3: 16**) bamugire uw’imbere .

B1 – ICYICIRO 4
Inyigisho 2 – Imigani
Icyigwa – Mugenzi wanjye ni nde?

Muri Bibiliya: Luka 10: 25-37 na Abafilipi 2: 1-11

Umurongo w’Urufunguzo: Luka 10: 27

Turamenya ko:

1. Umuntu ufite icyo akeneye, tutitaye ku bwoko bwe cyangwa idini rye, ari we mugenzi wacu kandi dufite inshingano zo kumugirira neza.
2. Mu rupfu rwe ku musaraba, Umwami Yesu aradukomeza, akoze nk’uko Umusamariya yabigenjeje. Adushyira ahatekanye akaduha ibikwiriye dukeneye. Reba kandi ICYICIRO 3 Isomo 1.

Vuga bagenzi bacu abo ari bo. Mugenire n’abanyeshuri ko ibya mugenzi wacu ari ukugira neza n’ubucuti ku bari mu bukene bose kurenza kuba ‘uguturana’. Yesu ashaka ko abana b’Imana bagwa neza no ku banzi babo – ngicyo ikigero cyo hejuru ku Bakristo!

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Ubwo umuhanga mu Mategeko ya Mose yabazaga Yesu icyo yakora ngo ahabwe ubugingo bw’iteka, Yesu yamuyoboye ku Mategeko amubaza icyo yo amusaba. Hasabwagwa urukundo rwuzuye ku Mana no kuri mugenzi we. Yesu yerekana ko intego y’Amategeko, ari yo Amategeko Icumu, itari icyo kwakira icyaha ahubwo ko amategeko yerekana uko turi abanyabyaha. (**10: 26-28**)
2. Umunyamategeko yari kumva ko atashyikiriyeye ikigero Imana ishaka bityo agasaba Umwami kumukiza. Nyamara mu bwibone bwe abaza Umwami ngo “Mugenzi wanjye ni nde?” Kugira ngo amusubize, Nyagasani amubwira inkuru y’Umusamariya Mwiza. Abatambyi n’Abalewi bari Abayuda kandi Abayuda bangaga Abasamariya. Ntibafashije mwene wabo nyamara Umusamariya unenwa, afasha uwagiriwe nabi. Umunyamategeko yagombye kwemera ko Umusamariya yagaragaje ku wakomerekejwe w’Umuyuda kuba mugenzi we w’ukuri. (**10: 29-37**)
3. Tubona mu Mutambyi n’Umulewi ubushobozi buke bw’Amategeko mu gufasha abanyabyaha kandi Umusamariya Mwiza atwibutsa Umwami Yesu waje aho turi, mu byo dukeneye, ngo adukize igihano cy’ibyaha byacu.

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 2.

Erekana: umugereka “FBI links in Appendix A” – Mugenzi wanjye ni nde?

Kurikiza ibyo twasomye mu Abafilipi maze isomo utanga, muri make rigaragaze uko **imirongo 1-4** yerekana imiterere myiza mu bakristo ku kuba mugenzi w’undi, n’uko **imirongo 5-11** yerekana uko Umwami Yesu ari urugero rwuzuye rw’urukundo mu buryo yafiriye bese.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

Buri wese abe mugenzi wacu:

1. Ni gute twafasha abafite ubumuga bw’umubiri, umwuka cyangwa ibintu bakeneye?
2. **Luka 6: 35** havuga iki kandi ni gute byakorwa ?

B1 – ICYICIRO 3
Isomo 3 – Imigani
Icyigwa – Umubibyi

B1 – ICYICIRO 4
Inyigisho 3 – Imigani
Icyigwa – Umuntu w’umupfapfa

Muri Bibiliya: *Mariko 4: 1-20*

Umurongo w’Urufunguzo: *Mariko 4: 20*

Turamenya ko:

1. Imbutu ari Ijambo ry’Imana.
2. Ubutuka bunyuranye bwerekana imitima inyuranye y’abantu n’uko yakira Ijambo ry’Imana.

Muri Bibiliya: *Luka 12: 13-21*

Umurongo w’Urufunguzo: *Luka 12: 15*

Turamenya ko:

1. Kuba umunyabugugu ni bibi kuko ubuzima budashingiye ku butunzi bwacu.
2. Kurangamira ubukungu, ugataka ubugingo bwawe ni ubupfapfa; bifite ingaruka y’akaga gakomeye. Reba kandi ICYICIRO 3 Isomo 2.

GUTANGIRA ISOMO

Sobanura ko Yesu akenshi yavuze mu migani ngo yibande kuri kumwe mu kuri yigishaga. Ubusanzwe imigani ifite igisobanuro kimitse mu mwuka. Rimwe na rimwe ntiyatanze ibisobanuro ariko noneho ubu abitanze mu buryo bwuzuye. Ahantu hatandukanye imbutu zaguye herekana uburyo butandukanye bwo kwakira Ijambo ry’Imana.

Muvuge ku by’ahashize h’uyu mugani. Ni umuntu wabajije Yesu kwinjira mu makimbarane y’ibyo yifuza. Ibutsa abanyeshuri uko Yesu yamweretse ko icyamuzanye mu isi ari ugukiza abantu icyaha atari ugukemura ibibazo by’ibyo abantu bifuzaga. Uko kwaba ari ugutandukira ugereranije n’ibirebana n’umwuka dukeneye kwibandaho.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Ubutaka bw’uruhande rw’inzira (*umurongo 15*) ni umuntu “wanga” Umwami Yesu. Satani ashushanywa n’inyoni zitoragura Ijambo. Uwo muntu ntacyo yumva Ijambo ry’Imana rimubwira.
2. Ubutaka bw’urutare (*imirongo 16-17*) ni umuntu watura ko yizera, byagera igihe cyo gutotezwa agomba kwemara kristo, akabona bikomeye maze byose akabivamo. Itotezwa rihishura ikinyoma cy’abantu nkabo.
3. Ubutaka bw’amahwa (*imirongo 18-19*) ni abantu batangira neza bagaragaza kuba Abakristo b’ukuri, nyamara nyuma bagashishikarira ubucuruzi, ubutunzi n’ibintu by’isi bakareka kuba Abakristo; “ntabwo bera imbutu”
4. Ubutaka bwiza (*umurongo 20*) ni abantu bakira Ijambo – bakihana icyaha cyabo maze bakiringira Umwami Yesu kristo – bakamukurikira badahinyuka mu byababaho byose.

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 3.

Erekan: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Umubibyi.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Uyu mugani ugaragaza ko ubutunzi atari cyo kintu cy’ingenzi mu buzima. Twabuhawe n’Imana kugira ngo tubukoreshe kubaha Imana no kuyihesha icyubahiro. Uwo muntu yaba yarumvise ko akwiriye gutanga ibimusagutse ku bari mu bukene.
2. Yari yariteganirije – reba ubwigenge bwe ku Mana mu mvugo ijyana kuri “Jye” na “ibyange” mu *imirongo 17-19*. Imana yari ifite indi migambi ku buzima bw’uwo muntu maze imubwira ko iryo joro arara apfuye (*umugongo 20*). Ibyo ateganya byari kurangirira mu mva kandi yari umupfapfa kuko atari yarateganirije ubuzima bw’iteka – reba imbuzi muri *Amosi 4:12*.
3. Erekan ukuntu muri uyu mugani Imana yabajije ku mugaragaro ikibazo ngo ‘Ibyo wabitse bizaba ibya nde?’ (*umurongo 20*)
4. Erekan ko twakoreshe ibyo twahawe n’ibyo dushobora gukora mu kwagura ubwami bw’Imana.

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 3.

Erekan: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Umuntu w’umupfapfa.

KURISUBIRAMO

Reba niba abanyeshuri basobanukiwe itandukaniriro riri mu bwoko bune bw’ubutaka. Mutangire muganire ku kigero gitandukanye cyo ‘kwera imbutu’ mu *umurongo 20*; mirongo itatu, mirongo itandatu, ijana maze werekane ko ubuzima burumbuka kurushaho ari ubwo abashaka kumvira Ijambo ry’Imana bakishimira gukora icyo ribabwira.

Reba ukuntu *Imigani 11: 4 na 29 na Matayo 6: 19-21* by’ukuri ari incamake y’iri somo. Reba kandi mu *Kuva 20: 17* ku birebana n’ubugugu.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ni ubuhe butaka bwerekana neza buri mutima?
2. Ku Bakristo, ni iyihe nararibonye bagize mu kwemara Umwami Yesu ku ishuri cyangwa ahandi?
3. Nk’Umukristo, tekereza kuri bumwe mu buryo ubuzima bwakwera imbutu ku Mwami Yesu. Ni ubuhe twashaka kubamo – ubwo abera mirongo itatu, mirongo itandatu cyangwa ijana?
4. Gusoma Bibiliya buri muni, gufata imirongo y’urufunguzo mu mutwe no gusenga bifasha Abakristo kugira umutima ukunda Imana no kwera imbutu mu buzima.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Akamaro ko kugira iyi ntego y’ubuzima “Kuri jye kubaho ni Kristo”. (Pawulo mu *Abafilipi 1: 21*)
2. Akamaro ko gukoresha ubutunzi bwacu kugirira neza abandi. Kora urutonde rwa bimwe mu bitekerezo byo gufasha abandi ufite.
3. Akamaro ko kudakurikiza ibyifuzwa dutagaguza agakiza kacu.

B1 – ICYICIRO 3
Isomo 4 – Imigani
Icyigwa – Kubabarira abandi

Muri Bibiliya: Matayo 18: 21-35

Umurongo w'Urufunguzo: Abefeso 4: 32

Turamenya ko:

1. Uyu mugani wavuzwe ngo wigishe Abakristo uko bababarira.
2. Nta mupaka dukwiriye kugira mu kubabarira abandi.

GUTANGIRA ISOMO

Sobanura ikibazo Petero yari afite ku byo kubabarira. **(18: 21)**
Vuga uko yari azi ibyo mu Isezerano rya Kera ko umuntu yagombaga kubabarirwa inshuro eshatu cyangwa enye bitarenze **(Amosi 2: 6)**. Nk'umwigishwa w'Umwami Yesu, yumvaga yagira ubuntu kurushaho bikagera nko ku nshuro ndwi **(umurongo 21)**. Nyamara, Umwami we avuga 'inshuro mirongo irindwi karindwi' bisobanura kutazirwa mu kubabarira abandi kwacu.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Mu gihe umukoresha w'umugaragu abonye adashoboye kwishyura umwenda we wari munini cyane, amugirira impuhwe maze amukuraho uwo mwenda. **(imirongo 25-27)** icyo cyari igikorwa cy'ubuntu, gikuraho igihano uwo mugaragu yari akwiriye.
2. Nk'abanyabyaha, ntidushobora kwishyura umwenda uremereye w'icyaha cyacu kandi dukeneye ubuntu bw'Imana ngo dukurweho igihano. Dushobora gukizwa ku bw'umurimo wa Kristo, ku musaraba, yishyuye umwenda w'icyaha cy'isi. Imana yatanze Umwana wayo 'watanze ubuzima bwe kuba incungu ya benshi.' **(Matayo 20: 28)**
3. Umugaragu wababariwe yari kubabarira mugenzi we wari umurimo umwenda muto (nk'ibihumbi 5) ugereranije n'uwu ubwe yarimo wa miliyari. Yibagirwa ubuntu yagiriye.
4. Twifate ku bandi nk'uko Umwami Yesu yitwaye kuri twe. Niba tuvuga ko turi abe, tugomba kubabarira abandi, harimo n'abandi bacu. **(Reba Umurongo w'Urufunguzo)**

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 4.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Kubabarira abandi.

KURISUBIRAMO

Muganire ukuntu iki gice kigaragaza 'imbabazi' n'ubuntu' byombi. Mwigie muri **Tito 3: 5**. 'Iradukiza itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo' maze usobanure ko imbabazi zitanga inzira yo gukiranuka duhungiramo igihano cy'Imana. Mwigie mu **Abefeso 2: 8** 'Twakijijwe ku bw'ubuntu.' Gukizwa ni impano y'Imana ku buntu –biduha amahoro iteka tutari dukwiriye cyangwa ngo tuyabone.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ni gute iri somo ridusaba 'kugira imbabazi'?
2. Niba twarababariwe n'Umwami Yesu, ese tubabarire abandi?
3. Reba **Abefeso 4: 32** ku yindi miterere twagira hamwe no 'kubabarira.'

B1 – ICYICIRO 4
Inyigisho 4 – Imigani
Icyigwa – Ifunguro rikomeye

Muri Bibiliya: Luka 14: 15-24

Umurongo w'Urufunguzo: Yohana 6: 37

Turamenya ko:

1. Muri **(Matayo 11:28)** Imana yasezeranije gukorerwa umunsi mukuru mu Ijuru abitabira 'Nimuze munsange'.
2. Abantu bese muri twe, baza ku Mwami Yesu ngo bakizwe bafite inshingano zo kubwira abandi nabo kuza kuri Yesu.

Erekana ukuntu mu Burasirazuba, abantu bakomeye batumiraga inshuro imwe cyangwa ebyiri bahamagarira abantu kuza mu munsi mukuru wateguwe. Ubutumire bwa mbere bwerekana imyiteguro dukeneye maze ubwa kabiri bukerekana ko umunsi ugeze. Ubu ngubu abatumiye ntibashaka kuza bityo bahimba ibisobanuro byo kutaza kwabo.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Iri 'Funguro Rikomeye' ritwibutsa igikorwa cyo kukukiza Umwami Yesu yarangije adupfira ku musaraba, ingaruka, ni ubutumire bw'ubutumwa bwiza bugera kuri bese.
2. Ibisobanuro bitatu ntabwo byari ukuri, buri cyose kwari ukugira ngo umuntu ataza: Igisobanuro cy'uwa mbere **(umurongo 18)**; Mu byo avuga yinginga, biragoye kwemera ko Umuyuda yagura ubutaka atabanje kubureba kandi kuba ifunguro riba nijoro yabureba gute hatabona. Igisobanuro cy'uwa kabiri **(umurongo 19)**; Uyu we birarenze, nta gusaba imbabazi, ahubwo ikimasa cye nicyo ashya imbere. Igisobanuro cy'uwa gatatu **(umurongo 20)**; Uyu muntu yatanze igisobanuro kidafashe kuko ahubwo byari kuba byiza kuzana n'umugore we mu munsi mukuru.
3. Igisobanuro cy'uwa mbere kigaragaza abarutisha ibindi ubutunzi bw'ibintu, igisobanuro cy'uwa kabiri n'icyo abahugiye mu mirimo yabo, naho igisobanuro cy'uwa gatatu kigaragaza abo inshingano z'ingo zabo zitwara igihe cyabo.
4. Uwatumiye biramurakaza yumva asuzugwe ku bw'ibyo bisobanuro maze yohereza umugaragu we mu nzira no mu mu mihanda ngo ahamagare abakene, ibirema n'impumyi, baze. **(imirongo 21 na 23)**

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 4.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Ifunguro Rikomeye.

Sobanura uko igisobanuro cya mbere cy'uyu mugani kivuga ku banze Ubutumwa bwiza aribo Abayuda bityo bugahabwa Abanyamahanga bemeye kubwakira. Reba niba abanyeshuri basobanukiwe n'icyo bivuga kuri bo ko abakomeza kwanga imbabazi n'ubuntu by'Umwami umunsi umwe igihe kizaba cyarenze maze inzugi zinjiza mu Ijuru mu munsi mukuru zikaba zafunzwe. Tekereza kuri bimwe mu bisobanuro abantu batanga barwanya Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ntawe uri mubi kuba atatumirwa kwicara ku meza y'umwami nk'uko twabonye abavuye mu mayira no mu mihanda.
2. Kwemezwa n'urukundo nibyo byakoreshwa kuzana bese mu mugisha w'agakiza. Mu bwami bw'Imana haracyari umwanya ngo abantu binjiremo.

B2 – ICYICIRO 3
Isomo 1 – Ibitangaza
Icyigwa – Amazi mo vino

B2 – ICYICIRO 4
Inyigisho 1 – Ibitangaza
Icyigwa – Amazi mo vino

Muri Bibiliya: *Yohana 2: 1-11*

Umurongo w'Urufunguzo: *Yohana 2: 11*

Turamenya ko:

1. Umwami Yesu ni We dukwiriye kumvira.
2. Kwiringira Umwami Yesu, Bizana ibyishimo mu buzima bwacu.

Muri Bibiliya: *Yohana 2: 1-11*

Imirongo y'Urufunguzo: *Yohana 15: 14, Yohana 2: 5*

Turamenya ko:

1. Niba dukunda Umwami Yesu, twakumvira amabwiriza Mariya yahaye abagaragu mu bukwe ngo: "Icyo ababwira cyose mugikore". (*Yohana 2: 5*)
2. Mu gukora iki gitangaza, Umwami Yesu yahishuriye abari aho bose ko yari Imana mu mubiri w'umuntu, maze bikomeza ukwemera kw'abigishwa bamwizeraga.

GUTANGIRA ISOMO

Tangiza ibitekerezo ku bukwe bw'abo umugabane w'Iburasirazuba. Usobanure ko muri iki gice Mariya avugwaga nka 'nyina wa Yesu' mu **murongo 1**. Uvuge ko Umwami Yesu atari yarogeye kubera ko ari umuhungu w'umwami Mariya ahubwo ko Mariya yamenywe cyane kuko yari nyina wa Nyagasani. Erekanako ko buri gihe Bibiliya iha umwanya wo hejuru Umwami Yesu, idashyira hejuru Mariya.

Muganire ku bitangaza, n'impamvu byanditswe mu Butumwa bwiza. Ubutumwa bwa Yohana bwubakiwe ku bitangaza birindwi, byose byakorewe ku mugaragaro, muri byo icyambere ni icyo mu bukwe i Kana. Abanyeshuri basabwa kubona bimwe mu bindi byakozwe. Nanone kandi ushyiremo igitekerezo kijyanye n'ubukwe bwo mu Burasirazuba bw'isi.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Ikemezo cyo gutumira Umwami Yesu mu bukwe cyari icy'ubwenge nk'uko ikemezo cyo kumutumira mu mitima yacu, mu ngo zacu, mu mibanire yacu n'abandi, ku ishuri, byaba ari icy'ubwenge cyane.
2. Abatumirwa barashoberwa vino ibuze ubukwe bugitangira, ariko icyo gihe bitabaza Umwami Yesu ngo bafashwe. (**2: 4 na 5**)
3. Vino nziza yabonetse hanyuma bitwibutsa ko ubuzima bw'Abakristo bugenda burushaho kuba neza buri gihe.
4. Iki gitangaza cyerekana Kristo kuba ari Umwana w'Imana kandi cyakomeje ukwizera kw'abigishwa. (**2: 11**)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 1.

Erekanako: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Amazi mo vino.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Umwami Yesu, nyina n'abigishwa be, bose batumiwe mu bukwe ahabereye guhindura amazi mo vino.
2. Mariya yayoboye abagaragu ku Mwami Yesu kandi mu magambo yababwiye nyuma, yanditse ngo "Mukore icyo ababwira cyose", yaberekezaga ku Mwami Yesu nk'uwo bagomba kumvira kuruta undi muntu wese. (**2: 4 na 5**)
3. Haherejwe vino nziza bwa nyuma, nyamara ubusanzwe mu bukwe vino nziza ari yo ibanza guheretwa.
4. Icyo gitangaza kerekanye Kristo kuba ari Umwana w'Imana kandi gikomeza ukwizera kw'abigishwa. (**2: 11**)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 1.

Erekanako: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Amazi mo vino.

KURISUBIRAMO

Subira muri iki gitangaza mu buryo bw'ihurizo ngo bifashe abanyeshuri mu bisubizo byabo ku bibazo mu Kiciro 3, B2, Isomo 1

Musubiremo isomo mushyira buri ngingo mu zo hejuru ku buzima Gikristo. Reba ko:-

1. Muri Bibiliya vino bivuga umunezero. Mu gihe Mariya yavugaga ngo "Nta vino bafite" (**umurongo 3**), byakwerekana ko abatiringira Umwami Yesu ntibamwizere, nta munezero bazigera bagira.
2. Abakunda Umwami Yesu bakora icyo Ijambo rye – Bibiliya rivuga. Yesu agaragajwe neza nk'Umwana w'Imana

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Muganire ku gisobanuro cyo gutumira Umwami Yesu mu mutima? Soma **Imigani 3: 5-6** ngo ubone uko Umwami azadufasha kubaho ubuzima bumukorera.
2. Soma **Zaburi 16: 11** ubone ibyishimo bitegereje abamenye Umwami Yesu kuba Umukiza wabo bwite bageze mu Ijuru.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Reba uko twiringira Umwami Yesu kuba Umukiza wacu bwite.
2. Muganire ku kamaro ko gusoma Bibiliya no gusenga ubudasiba kugira ngo tumenye ugushaka kw'Imana ku buzima bwacu.

B2 – ICYICIRO 3
Isomo 2 – Ibitangaza
Icyigwa – Gukiza umwana

Muri Bibiliya: *Yohana 4: 43-54*

Umurongo w'Urufunguzo: *Yohana 4: 50*

Turamenya ko:

1. Umuhungu w'umutware yari arwaye cyane, yenda gupfa, ari kure y'aho Yesu ari, ariko Yesu aramukiza.
2. Twese twavutse turi abanyabyaha kuri kure y'Umwami Yesu ariko icyo twihanyeye tukaza tumusaba imbabazi, aduha ubugingo bushya.

B2 – ICYICIRO 4
Inyigisho 2 – Ibitangaza
Icyigwa – Gukiza umwana

Muri Bibiliya: *Yohana 4: 43-54*

Imirongo y'Urufunguzo: *Ibyakozwe 16: 31;*
Abaroma 10: 9

Turamenya ko:

1. Umwana w'umutware yari agiye gupfa kandi Umwami Yesu wenyine ari we ufite ububasha bwo kumukiza.
2. Mu buryo bw'umwuka, icyaha ni indwara, kizana urupfu rw'umwuka kandi Umwami Yesu ni we wenyine ushobora kuduha ubugingo buhoraho.

GUTANGIRA ISOMO

Ibutsa abanyeshuri ko Umwami Yesu, ubwo yasuraga i Kana bwa mbere yahinduye amazi mo vino none abantu bagiye kubona ikindi gitangaza cy'ububasha gikorewe hanze ya Kana – gukiza umuhungu w'umutware.

Koresha ikarita werekana ko n'ubwo Yesu yari i Kana, umwana we yari i Kaperinawumu kandi ububasha bwe burahagera n'ubwo we atari ahari ku mubiri.

Ibutsa abanyeshuri ko i Kana Umwami Yesu yakozwe igitangaza cye cya mbere maze aramamara cyane ku buryo umutware mu ngori ya Herode, yicishije bugufi amusaba kumukiriza umwana we w'umuhungu wari urwaye. Uwo mutware yatekerezaga ko Umwami Yesu agomba kuba ari iruhande rw'umwana kugira ngo amukize. Umwami Yesu ntiyamucyashye ku bwo kubura kwizera ahubwo yamushimiye ukwizera yerekanye ndetse akora ibirenze kuri we. Erekanako Umwami Yesu adashimishwa n'ukwizera gushingiye ku bitangaza nk'uko abigira ku gushingiye ku ljambo gusa – bwa mbere izere ubundi urebe !

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Se w'umwana yari Umuyuda akaba n'umutware mu bo umwami Herodi. Yasaga nk'ufite kwiringira gukomeye mu Mwami Yesu kuruta abandi Bayuda mu gihugu maze yingingira Umwami Yesu ngo aze akize umuhungu we wari urembye. **(4: 47)**
2. Se w'umwana yatekerezaga ko Umwami Yesu akeneye kuba yegereye uburiri bw'umwana ngo amukize, ariko Umwami amubwira ko umwana we akize maze umutware yizera ljambo ry'Umwami aragenda, asubira mu rugo. **(4: 50)**
3. Abajije abagaragu igihe umwana yakiriyemo bamubwira abona ari igihe Umwami Yesu yamubwiriyemo ko umuhungu we akize. **(4: 52-53)**

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 2.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Gukiza umwana.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Umwana warembye n'icyo se yasabye. Uburwayi n'urupfu bitugeraho twese, ukize cyangwa ukennye, twese dukeneye guhura n'Umwami Yesu ngo duhabwe ibyo dukeneye mu mwuka. Umwami Yesu asanisha icyaha n'uburwayi - reba **Matayo 9: 12-13**. Bibiliya kandi yigisha ko uwemera Umwami Yesu ahabwa ubugingo buhoraho kandi ko utamwemera atagira ubugingo buhoraho. **(1 Yohana 5: 10-14)**
2. **Igisubizo cya Nyagasani.** Umwami Yesu yagerageje ukwizera k'umutware amubwira ngo 'Umwana wawe ni muzima' **(umurongo 50)**. Abantu icyo gihe, nk'uko biri n'ubu, bashakaga ibitangaje no kubona ibitangaza (umurongo 48) aho kwemera agaciro k'ljambo ry'Imana: kwemera bwa mbere ubundi kubona!
3. **Ingaruka.** ljambo ry'Imana ni rizima kandi muri ryo ntabwo ari ukumenya Umwami Yesu ubwacu gusa tunakomezwa na ryo, kuko ljambo ry'Imana rikurikirwa n'ububasha bw'Imana bwose. Umutware yarizeye, umwana we yarakize, umuryango we urizera. Iyo ni ingaruka.

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 2.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Gukiza umwana.

KURISUBIRAMO

Mwige Umurongo w'Urufunguzo, **Yohana 4: 50**, muvuge uko ari incamake y'iri somo mu buryo ububasha bw'Umwami Yesu butakijije umuhungu w'umutware gusa ahubwo ko bwakijije n'umuryango we wose **(Yohana 4: 53)** maze bakizera kuri Yesu ubwo.

Tekereza ku bivugwa mu **Abaheburayo 11: 6**; 'Hatabayeho kwizera ntibishoboka gushimisha Imana', maze muganire uko ibyo bijyana kubyo abanyeshuri bamaze kwiga.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Twese dukeneye kwiringira no kumvira Umwami Yesu n'imitima yacu ku bw'ubugingo bw'iteka.
2. Nk'Abakristo bato, turebe ko Umwami Yesu adakeneye kuba ahari n'umubiri kugira ngo akore igitangaza cyangwa ngo asubize isengesho. Ashobora gusohozza intego ze hose n'igihe cyose. Ibyo bidutera umwete mu buzima bwo gusenga kwacu.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Umutware yizeye Umwami Yesu asubira mu rugo – yashyize ukwizera kwe mu bikorwa. Tekereza uburyo ukwizera kwacu kwashyirwa mu bikorwa iwacu, ku ishuri.
2. Ni gute kwizera Umwami Yesu kwacu kwagera mu muco turimo ubu? (Reba abashakaga kubona ngo bizere, bihabanye no kubanza kwizera nyuma bakabona ugushakira k'Umwami mu buzima bwabo bw'isi).

B2 – ICYICIRO 3
Isomo 3 – Ibitangaza
Icyigwa – Guhumura impumyi

Muri Bibiliya: Mariko 10: 46-52

Umurongo w’Urufunguzo: Mariko 10: 52

Turamenya ko:

1. Barutimayo yari akeneye ibidashoboka, kandi icyo kidashoboka akeneye yiyemeza kugisaba Umwami Yesu.
2. Umwami Yesu asubiza isengesho rya Barutimayo maze Barutimayo yerekana ishimwe rye akurikira Umwami Yesu mu rugendo rwe rwa nyuma aya i Yerusalemu.

B2 – ICYICIRO 4
Inyigisho 3 – Ibitangaza
Icyigwa – Impumyi Barutimayo

Muri Bibiliya: Mariko 10: 46-52

Umurongo w’Urufunguzo: Mariko 10: 52

Turamenya ko:

1. Nkuko Barutimayo yahamagawe (**umurongo 49**) niko mu kubwiriza Ubutumwa bwiza ubu Umwami Yesu ahamagara impumyi mu mwuka.
2. Twiringira agakiza mu Mwami Yesu tukareka ubuzima bwo gukora icyaha tukamukurikira.

GUTANGIRA ISOMO

Baza abanyeshuri niba bazi umuntu w’impumyi maze uvuge ingorane uwo muntu ahura nazo. Muvuge uko impumyi abantu bashobora kuyifasha ariko ko badashobora kumukiza ubuhumyi.

Bihabanye no muri iki gihe. Sobanura uko byari kuba byoroheje hari ubufasha ku mpumyi mu gihe cy’Umwami Yesu aho impumyi zabeshwagaho no gusabiriza.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Impumyi Barutimayo, Umuyuda, yemeye ko Yesu ari Mesiya, mwene Dawidi. Muri rusange Abayuda ntibimeraga ko ari byo. (**11: 47**)
2. Barutimayo akomeza guhamagara atabaza, ngo ahumuke, n’ubwo abandi bamubwiraga guceceka. Umwami Yesu, waremye Ijuru n’isi ubeshaho byose. ‘arahagarara’ (**11: 49**) ku bw’urusaku rw’umusezi maze aramuhumura!
3. Barutimayo agaragaza ishimwe rye aba indahemuka mu gukurikira Yesu mu rugendo rwe rwa nyuma i Yerusalemu, mbere yo kubambwa. (**11: 52**)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 3.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Guhumura impumyi.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Barutimayo yari impumyi n’umutindi, bikatwibutsa ko turi impumyi ku by’umwuka; bityo ntutuzi aho tujya.
2. Ayo yabaye amahirwe ya nyuma ko Barutimayo yahuye n’Umwami Yesu bityo yihutira kumusaba ‘kugirirwa imbabazi’ (**umurongo 47**). Agakiza ni ikintu bwite nk’uko bigaragazwa n’imikoreshereze y’ijambo ‘ngirira’.
3. Barutimayo akuraho icyari kumukingiriza kuza ku Mwami Yesu, ahita asaba guhumuka. Uko niko biri, kuko ako kanya ahumutse yahise akurikira Umwami Yesu. (**imirongo 50-52**)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 3.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix A” – Impumyi Barutimayo.

KURISUBIRAMO

Berekeze ku isengesho rigufi rya Barutimayo mu **murongo 51** no gusubizwa na Yesu ako kanya **umurongo 52** ubwo Yesu yabazaga Barutimayo icyo ashaka ko amukorera. Natwe tumenye ko byihutirwa kwiringira Umwami Yesu no kumukurikira, kuko umwanya wo kubikora utazahoraho kuri twe. Iyo Barutimayo ataza gutakaza uwo mwanya ntabwo yari kongera guhura na Yesu. (Reba **Yohana 8: 12**)

Reba muri **Matayo 4: 18-22** maze ubone abandi baretse aho bari bagiye bagahita bakurikira Umwami Yesu. Reba mu **Abefeso 6: 10-18** no mu **Abakolosayi 3: 8-17** ubone ibyo Umwami Yesu ashaka mu bamukurikira. Muri ibyo bice bya Bibiliya dusomye kuramo urutonde rw’ibintu bitandatu by’ingenzi biranga ubuzima Gikirisito

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Bigomba kuba byaranejeje Umwami Yesu kubona ko impumyi y’Umuyuda ifite umucyo w’ukuri mu mwuka kandi yiteguye kumukurikira. Buri wese agomba kwiringira Umwami Yesu kandi akagerageza kumunezeza amukurikira.
2. Amasengesho yacu ntagomba kuba maremare. Twabwira Umwami Yesu ko tumukunda maze tukamusaba icyo ashaka ko tumukorera.
3. Saba buri wese, gutanga amasengesho magufi ku byo akeneye.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Akamaro ko gushaka Umwami Yesu ngo adukize mu gihe akiduhamagara kandi bikaba bigishoboka.
2. Iyo dukurikira Umwami Yesu, ububasha bwe bukorera mu buzima bwacu tukamunezeza dukora icyo ashaka. Twavuye mu mibereho ya kera y’icyaha, dutangira ubuzima bushya n’Umwami Yesu.
3. Soma muri **Yohana 8: 12** urebe kuva mu mwijima wa kera no ‘Kugendera mu mucyo’ icyo bisobanura

B2 – ICYICIRO 3
Isomo 4 – Ibitangaza
Icyigwa – Ababembe icumi bakijijwe

B2 – ICYICIRO 4
Inyigisho 4 – Ibitangaza
Icyigwa – Ababembe icumi

Muri Bibiliya: *Luka 17: 11-19*

Umurongo w'Urufunguzo: *Zaburi 107: 8*

Turamenya ko:

1. Umwami Yesu ni we gusa ushobora kudukiza icyaha cyacu.
2. Abakijijwe bazerekana ishimwe ryabo bakorera Umwami mu rukundo n'umwete.

Muri Bibiliya: *Luka 17: 11-19*

Imirongo y'Urufunguzo: *Abefeso 2: 8-9*

Turamenya ko:

1. Twese turi abanyabyaha, twavukanye indwara y'icyaha ishobora gukizwa n'Umwami Yesu gusa.
2. Iyo dukijijwe indwara y'icyaha mu kwizera Umwami Yesu, dukomeza kumushimira umugisha w'agakiza n'ibintu byiza byose duhabwa na We buri muni.

GUTANGIRA ISOMO

Sobanura ko ibibembe ari indwara y'uruho ikiboneka ku bantu benshi mu isi.

Reba **Abalewi 13: 45-46** maze usobanure ko ababembe bafatwaga nk'abahumanye mu gihe cya Mose maze bakagomba guhabwa akato. Ibyo niko byari biri no mu gihe cya Yesu.

Sobanura ko ibibembe ari indwara mbi ikiraho ku isi n'uyu muni. Bivugwa ko abantu hafi miliyoni 20 ubu bayirwaye. Mwaba mwarumvise ikitwa 'The Leprosy Mission' (Gutumwa ku Babembe) – imikorere iriho yo gufasha abarwaye iyo ndwara.

Reba ku yindi miterere Bibiliya itanga ku barwaye ibibembe. Reba kandi mu **Abalewi 13: 45-46**.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Ababembe ntibemererwaga kwegera abantu, bityo basakuza bari kure babwira Umwami Yesu ngo ababarire. (**17: 12-13**)
2. Ababembe bumvira Umwami Yesu, bajya kureba umutambyi begereje kuhagera bakize ibibembe byabo. (**17: 14**)
3. Ni abatambyi babahaga uburenganzira bwo gusubira mu miryango yabo.
4. Umubembe umwe gusa, w'Umusamariya, agaruka gushimira Umwami Yesu ko yamukijije. (**17: 15-19**)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 4.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Ababembe icumi bakijijwe.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Ababembe ntibashoboraga kwikiza ubwabo kandi baza k'Umwami Yesu ubishoboye, ngo abagirire Ubuntu. (**umurongo 13**)
2. Umwami arababwira ngo 'Mugende' (**umurongo 14**), ababembe bumvira ijambo rye maze mu nzira bajya ku mutambyi barakira. Kumvira no kwemera ijambo ryavuzwe na Nyagasani birabahumanura.
3. Umubembe umwe, Umusamariya, agaruka yicishije bugufi gushimira no kuramya Umwami Yesu ku mpano yo guhumanurwa kwe. (**umurongo 16**)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 4.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Ababembe icumi.

KURISUBIRAMO

- Subira mu isomo werekana uko ibibembe ari igishushanyo cy'umunyabyaha uri kure y'Umwami Yesu. Ibutsa buri wese ko icyaha gikizwa gusa mu gihe atabaje Umwami Yesu kumubabarira ibyaha akumvira Ubutumwa bwiza. Ubutumwa bwiza buvuga urupfu rwa Kristo no kuzuka kwe.
- Isomo ryigisha ko mu gihe dukijijwe icyaha twakomeza gushimira Umwami Yesu ku bw'agakiza kacu. Ishimwe ni ikimenyetso ku bakunda Umwami Yesu.

Tanga umukoro ku banyeshuri mu buryo bwo gusubiramo iri somo, no gutegura ibisubizo by'inyigisho Igihe cya Bibiliya.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Reba **1 Yohana 1: 9** n'ibyahyo.
2. Abakristo bashimire Umwami Yesu kuba yarabapfiriyeye.
3. Mu itsinda – mukore urutonde rw'ibyo mushimira maze mwandike amasengesho.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Reba kuba abanyeshuri baba nka bariya icyenda cyangwa uriya umwe.
2. Muganire icyo gushimira bisobanura by'ukuri n'icyo bikora ku buzima bwacu - **Zaburi 40: 3**
3. Mu itsinda – mukore urutonde rw'ibyo gushimira n'amasengesho bijyana.

B3 – ICYICIRO 3
Isomo 1 – Betaniya
Icyigwa – Abakobwa babiri bava indimwe

B3 – ICYICIRO 4
Inyigisho 1 – Betaniya
Icyigwa – Mu rugo

Muri Bibiliya: *Luka 10: 38-42*

Umurongo w'Urufunguzo: *Luka 10: 42*

Turamenya ko:

1. Umwami Yesu areba umutima dukoranye ikintu kuruta igikorwa ubwacyo.
2. Ibyo dushinzwe mu rugo, ku ishuri, ntabwo bigomba kuba amacakubiri n'ubuzima bwacu bwo gusenga n'igihe tumara dusoma Ijambo ry'Imana.

Muri Bibiliya: *Luka 10: 38-42*

Umurongo w'Urufunguzo: *Mariko 6: 31*

Turamenya ko:

1. Kugira ngo dukure nk'Abakristo, mu bikorwa by'ubuzima bwacu tugomba kugira igihe cyo gusoma Ijambo ry'Imana tukumva icyo Imana itubwira.
2. Mu bikorwa by'ubuzima bwacu tugomba kandi kugira igihe cyo gusenga bityo tugashobora kubwira Imana ibyacu no kuyishimira ineza itugirira kandi tukayisaba kutuyobora mu buzima bwacu.

GUTANGIRA ISOMO

Bwira abana gutekereza uko byaba ibidasanzwe iwacu haje umuntu ukomeye.
Kwa Mariya na Marita ni hamwe mu ho Yesu yasuye. Buri wese yashishikarizwa gutekereza ku bandi bantu Yesu yasuye: *Luka 4: 38, Luka 7: 37, Luka 8: 51, Luka 19: 5.*
Iwacu hakwiriye kuba ahantu Umwami Yesu yubashywe kandi yumvirwa.

Sobanura ko Mariya na Marita bombi bakundaga Yesu. Bombi icyo gihe bari mu byo kumwitegura. Marita ntiyabona ko kwibanda ku byo akora yatereranye umushyitsi – Umwami Yesu – ntiyagira igihe cyo kumva no kwigishwa na We. Baza abanyeshuri ibyo bashyira imbere mu buzima bwabo. Gerageza kubumvisha neza ko gukora bidasimbura gusenga no kwiga Bibiliya.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Mu gihe Marita yari 'umunyamirimo' Mariya akaba 'umuramyi', imirimo no kuramya bigomba kugendana. *Muganire ku kuramya icyo ari cyo.*
2. N'ubwo Marita yashakaga kubaha Umwami Yesu ategura amasahane menshi, we yavuze ko 'igikenewe ari kimwe', bisobanura ko isahane imwe ihagije. Yari ashishikajwe cyane n'ubusabane bwabo bityo avuga ko Mariya 'yahisemo umwanya mwiza'. (*umurongo 42*) Ibyiryo by'umwuka mu buzima bwacu ni ingenzi kuruta iby'umubiri kandi Umwami Yesu yashakaga ko bombi Marita na Mariya basobanukirwa akamaro ko kumva Ijambo ry'Imana. (*1 Petero 2: 2*)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 1.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Abakobwa babiri bava indimwe.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Umwami yibanze ku Gusenga no Kwiga Bibiliya nk'ibintu bibiri bikomeye by'ibanze biduhesha umugisha mu buzima bwacu.
2. Yesu ntabwo yagaye Marita kuba ashishikariye imirimo yo mu rugo ahubwo yamuyoboje ubugwaneza amwerekana icyo gushyira imbere.
3. Umwami Yesu mu *murongo 42* yerekanye ko kwibanda kuri we bikenewe bwa mbere. Urukundo tumufitiye yaruhaye agaciro karenze imirimo yacu. Umwami ashaka ko tuva ku kuba 'Marita' tukaba 'Mariya.'

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 1.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Mu rugo.

KURISUBIRAMO

Birashimishije kubona ko Mariya 'yicaye imbere y'ibirenge bya Yesu'. (*umurongo 39*) Muganire kuri byo mutekereza imyifatire muri uwo mwanya wo kwicisha bugufi kwa Mariya mu kubaha no guha Umwami Yesu icyubahiro akwiriye.
1. Baza uburyo natwe dushobora kubaha no guha icyubahiro Umwami Yesu mu buzima bwacu.
2. Abantu bavugwa mu mirongo itanzwe ahakurikira tubasanga bose bari 'ku birenge bya Yesu: Urugero muri - *Matayo 28: 9, Mariko 5: 22, Luka 7: 38, Luka 8: 35.* Reba muri icyo mirongo abo bantu aba ari bo, maze muvuge icyo bisobanuye kuri bo kuba ku birenge bye.

Koresha Umurongo w'Urufunguzo bigufashe gusubiramo iyi nyigisho werekana ko:

1. Hari igihe gikwiriye cyo kumva Umwami Yesu. (*Mariko 6: 31*)
2. Hari igihe gikwiriye cyo gukorera Umwami Yesu. (*Mariko 6: 7-13*) (*Abaroma 12: 1*)
3. Uwitwaga yasezeranye guha umugisha abo umurimo wabo ujyana n'ubuzima bwo gusenga. (*Yohana 15: 5*)

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Kuringaniza kuramya kwacu n'imirimo mu buzima bwacu bwa buri muni?
2. Kubaho mu buryo butera kumwubaha no kumunezeza?
3. Gushishikazwa no 'gukora neza' kuruta 'gukora byinshi'?
4. Kumenya neza niba ibihe by'imirimo bitaba biri imbere ku byo gusoma Bibiliya no gusenga?
5. Tekereza ku mwanya w'imbere Yesu akwiriye kugira mu buzima bwacu.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Kureba ko turinganiza igihe cyacu cyo gusenga no kwiga Bibiliya n'ibyo dushyira imbere buri muni.
2. Kureba ko umurimo wacu ku Mwami Yesu udahinduka gukora akazi keza ariko nta mwete dufite kuri We.

B3 – ICYICIRO 3
Isomo 2 – Betaniya
Icyigwa – Agahinda gahindutse ibyishimo!

Muri Bibiliya: Yohana 11: 1-7 na 17-44

Umurongo w'Urufunguzo: Yohana 11: 25

Turamenya ko:

1. Umwami Yesu ni we wenyine ushobora kuzura uwapfuye.
2. Umwami Yesu ni we wenyine uha abanyabyaha ubugingo bw'iteka, bavugwa n'intumwa Pawulo kuba 'barapfuye bazize ibyaha'. (**Abefeso 2: 1**)

B3 – ICYICIRO 4
Inyigisho 2 – Betaniya
Icyigwa – Ku gituro

Muri Bibiliya: Yohana 11: 1-44

Imirongo y'Urufunguzo: Yohana 11: 25-26

Turamenya ko:

1. Kuva mu bapfuye kwa Lazaro azuwe n'Umwami Yesu byari ngombwa mu kwerekana ububasha bwe ku rupfu kandi kuzuka bigize ikingenzi mu myemerere yo kwizera Gikristo. Ntabwo Yesu yari afite ububasha bwo kwizera gusa yari afite kandi n'ubwo kuzura abandi. (**Yohana 10: 18**) Yesu ararira (**umurongo 35**) byerekana ko yita bihagije kwifatanya natwe mu kababaro n'agahinda.

GUTANGIRA ISOMO

Bwira abanyeshuri kwibuka bimwe mu bitangaza Yesu yakoze, muvuge ku cyaba kiruta ibindi muri ibyo. Iki cyari igitangaza cya nyuma mu murimo w'Umwami Yesu ku mugaragaro. Bamwe mu Bayuda babajije impamvu Yesu yaretse Lazaro agapfa, kuko yari yashoboye guhumura impumyi. (**umurongo 37**) Ashobora kuba yaramukijije indwara, ariko mu kuzura Lazaro mu bapfuye, yerekanaga ukuri n'ububasha bw'amagambo ye mu **murongo 25**: ati 'Ni jye kuzuka n'ubugingo.'

Tangira iyi nyigisho usobanura ko kuzurwa mu bapfuye kwa Lazaro, igitangaza cya nyuma muri birindwi dusanga mu Butumwa bwa Yohana cyemeje Abayuda benshi bari aho ko ari Umwana w'Imana maze baramwizera (**11: 45**) Nyamara, bamwe mu Bayuda bari aho nabo bakabona icyo gitangaza ntabwo bamwizewe maze baja kubwira Abafarisayo ibyabereye i Betaniya. Bashakaga kwica Umwami Yesu. (**11: 46**) Bwira abanyeshuri ko n'uyu muni ariko bimeze – Hari abemera ko Umwami Yesu ari Imana akaba yarakoze ibitangaza kandi hari ababihakana bakajya impaka zo kuba yarakoze ibitangaza.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. I Betaniya kwa Mariya na Marita na Lazaro ni hamwe mu ho Yesu yakundaga kujya. Babaze niba Yesu aba iwabo / imitima / ubuzima **Ibyahishuwe 3: 20**.
2. Nk'uko Umwami Yesu yazuye Lazaro, niko ashobora gutanga ubugingo bw'iteka ku bapfuye mu mwuka.
3. Iyi nkuru itwereka ko Umwami Yesu ari Umukiza udukunda; 'Yesu ararira' (**umurongo 35**). Abayuda bari aho uwo muni babonye ukuntu Yesu yakundaga Lazaro cyane. (**umurongo 36**) Nabo yarabakundaga ariko abenshi muri bo ntibabimanya.
4. Yesu ahamagara Lazaro ngo asohoke mu gituro, yari afite ubugingo bushya. Agihambiriye mu myenda (**umurongo 44**) ahanya ububasha bwa Yesu.

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 2.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Agahinda kahindutse ibyishimo!

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Mariya na Marita batuma kuri Yesu ngo abafashe ku bwa musaza wari ugiye gufa kuko bari barabonye akora ibitangaza. (**11: 1-3**)
2. Yesu yakundaga uwo muryango ariko ntabwo yahise yitabira ubutumire bwabo ako kanya. Lazaro arapfa kugira ngo ububasha bwa Yesu ku rupfu bugaragarizwe abigishwa be n'abandi bari aho (**11: 5-6**)
3. Yesu yararize kuko yumvaga abuze Lazaro (**11: 35**)
4. Yesu ahamagara umuntu wapfuye nawe aramwumva araza! (**11: 43-44**)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 2.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Ku gituro.

KURISUBIRAMO

1. Nk'uko Lazaro yahawe ubugingo bushya (**imirongo 44-45**) bityo abiringira Umwami Yesu bahawe ubugingo bushya. Reba mu **Abakolosayi 2: 13 na 2 Timoteyo 1: 10**, ubone uko Umwami Yesu ashobora guha ubuzima bushya 'abapfuye' ku bw'ibyaha
2. Uko kuzuka kwa Lazaro ari icyemeza cy'ububasha bw'Umwami Yesu, niko abamwiringira bose abaha imbaraga zo kubaho ku bwe. (**Abefeso 2: 10**)

Subiramo Inyigisho mu kubangikanya akababaro mu buzima bwacu no kwerekana uko Umwami Yesu ahindura ikibi mo ikiza. Reba mu **Abaroma 8: 28**. Umwami kudahita agenda byatuma dutekereza ko atatwitaho ngo adusubize ariko tugomba kumenya kwihangana kandi buri gihite tukamwiringira kuko atazigera areka ko turambarara.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Kwihana no guhindukirira Umwami Yesu, tukagenda mu bugingo bushya? (**Abaroma 6: 4**)
2. Kumvira Ijambo ry'Imana mu kubwira abandi Ubutumwa bwiza, Kwiga ubishyizeho umwete ku ishuri no kumvira ababyeyi kandi ukabatizwa?

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Abakristo bafite ubugingo bw'umwuka urupfu rutashobora gukoraho. Bitwiringiza ubuzima bukorera Umwami Yesu. **Abafilipi 1: 21-23**.
2. Muri iki gitangaza Umwami Yesu atwereka ko atwitaho akifatanya natwe mu kababaro.

B3 – ICYICIRO 3
Isomo 3 – Betaniya
Icyigwa – Kongera gusurwa

B3 – ICYICIRO 4
Inyigisho 3 – Betaniya
Icyigwa – Ku meza

Muri Bibiliya: *Yohana 12: 1-11*

Umurongo w'Urufunguzo: *1 Yohana 4: 19*

Turamenya ko:

1. Iyo dukunda by'ukuri Umwami Yesu, tubona uburyo bwo kumushimira.
2. Ntitugatinze gukora icyo dushobora ku Mwami Yesu kuko tutazi igihe dufite cyo kumukorera uko kireshya.

Muri Bibiliya: *Yohana 11: 55-57; 12 :1-11*

Umurongo w'Urufunguzo: *Zaburi 95: 6*

Turamenya ko:

1. Nta kinganya agaciro n'icyo dukwiriye guha Umwami Yesu. Akwiriye guhabwa ibiruta ibindi cyane kuri twe!
2. Niba dukunda Umwami Yesu tuzagenda twuvira amabwiriza yaduhaye, nk'uko tuyasanga mu Isezzerano Rishya.

GUTANGIRA ISOMO

Sobanura ko Betaniya hari ahantu hahariye ku Umwami Yesu. Ibutsa abanyeshuri ko mu rugo rwa Mariya na Marita, Umwami yigishije akamaro ko kuramya. Mu Isomo 2 Yesu yerekanye ka ari we 'Kuzuka' mu gihe yazuraga Lazaro mu bapfuye. Muri iri somo Umwami Yesu yaje i Betaniya gusangira ibyo kurya muri urwo rugo.

Ibivugwa muri *Yohana 12: 1-11* ubusanzwe bitekerezwa kuba ari kimwe n'ibivugwa muri *Mariko 14: 3-9*. Umwami Yesu arashima Mariya ku gikorwa cyo kutikunda amuramya mu kumusiga amarashi ahenze cyane ku birenge. Uburashi n'imibavu byagiraga uruhare rukomeye mu guhamba uwapfuye - soma *Itangiriro 50: 2-3*. Ku gikorwa cyo kuganduka cya Mariya mu *murongo 7* Umwami Yesu yerekana ko gitegura uguhambwa kwe.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Mariya, Marita na Lazaro batoneshejwe kuba hamwe n'Umwami Yesu, basangira bishimira ubucuti bwabo na We. (*umurongo 2*)
2. Mariya atoneshejwe no gusiga ibirenge by'Umwami Yesu amavuta y'igiciro maze abihanaguza imisatsi ye (*umurongo 3*), bitwereka kuba akwiriye guhabwa iby'agaciro n'ibiruta byose kuri twe.
3. Ubwo Yuda yitotombaga ko amavuta yari kugurishwa nyuma amafaranga agafashishwa abakene (*umurongo 5*), Umwami Yesu yamwibukije ko mu isi hazahora abakene abandi bagomba kugirira neza. Nyamara, umwami wo gusiga amavuta umubiri wa Yesu wari ugiye kurangira kuko yari mu nzira agiye gupfira abanyabyaha.
4. Abatambyi bakuru bashakaga kwica Lazaro. (*umurongo 10*) Vuga ko bishoboka kuba barahakanaga umuzuko ubwabo bagashaka gukuraho Lazaro kuko yahamyaga ko Yesu ari ukuzuka n'ubugingo.

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 3.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Kongera gusurwa.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. **Urugo** – Subira mu by'urugo rw'i Betaniya (*umurongo 1*) kuba haraberaga (i) umurimo no kwigisha; (ii) kuramya no gusabana; (iii) urupfu no kuzuka.
2. **Ibitori** (*umurongo 2*) byamuteguriwe. Mariya, Marita na Lazaro bari bafite impamvu yo guhura nawe ari umushyitsi mukuru wabo.
3. **Ugusigwa** (*umurongo 3*) kwerekana ko Mariya yakundaga Umwami Yesu urukundo rupimwa no kwigomwa.
4. **Kumushima** (*imirongo 7-8*) cyari ikintu gikomeye Yesu atari yarigeze akora, yerekana ko icyo gikorwa cyo kuramya kizavugwa mu mateka yose - Soma *Matayo 26: 13*.

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 3.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Ku meza.

KURISUBIRAMO

Iyi nkuru ivugwa no muri *Mariko 14: 3-9*. Soma *umurongo 8* ubone ibyo Umwami yavuze kuri uyu mugore wamusize amavuta ku birenge. Soma uko Matayo avugaga iyi nkuru muri *Matayo 26: 6-13*, maze urebe uko Umwami Yesu atahanuraga ukwigisha ubutumwa bwe nyuma y'urupfu rwe gusa, ahubwo ko nanone igikorwa cy'uuyu mugore yagikoranye umwete ku buryo bizamwibukirwaho.

Mu gusubiramo iyi nyigisho baza abanyeshuri ibibazo bizabafasha kumenya ibisubizo ku byabajijwe mu Nyigisho 3.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ni gute urukundo rwawe ku Mwami Yesu rugira icyo rukora ku bandi?
2. Benshi mu Bayuda bizera Umwami Yesu (*umurongo 11*) kuko bashoboye kubona ububasha bwe muri Lazaro muzima. Ni gute ushobora gutuma abandi bizera Umwami Yesu ku bw'ubuzima bwawe, kuko umukunda?

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. **Urugo** – Ese Umwami Yesu yaba mu ngo zacu mu buryo bw'ibibera hejuru kuri Numero 1 ?
2. **Ibitori** – Nk'Umukristo Umwami Yesu ni we muntu wa mbere mu buzima bwacu ?
3. **Gusigwa** – Ni gute dukunda Umwami Yesu? Tumuha ibiruta ibindi kuri twe?
4. **Ugushima** – Nyagasani yavuze ko Mariya yakoze ibyo yashoboye. (*Mariko 14: 8*)

B3 – ICYICIRO 3
Isomo 4 – Betaniya
Icyigwa – Kujya i Yerusalemu

B3 – ICYICIRO 4
Inyigisho 4 – Betaniya
Icyigwa – Ku nzira ijya i Yerusalemu

Muri Bibiliya: **Luke 19: 28-44**

Umurongo w'Urufunguzo: **Yohana 1: 12**

Turamenya ko:

1. Yesu yinjira muri Yerusalemu, abamukurikira bamusanganije indirimbo bamuhimbaza ku mirimo ikomeye yakoreye muri bo.
2. Yesu aririra umurwa Yerusalemu kuko abantu baho batamwemeye ntibamugenere umwanya.

Muri Bibiliya: **Luka 19: 28-44**

Umurongo w'Urufunguzo: **Yohana 1: 12**

Turamenya ko:

1. Ni ngombwa cyane kwakira Umwami Yesu mu mitima yacu none no kubaho tuzi ko nta wundi mwanya twazabona nk'uyu.
2. Iyo turi abe, Umwami Yesu yishimira gukoresha ukwizera kwacu, urukundo, kuramya, umurimo n'ubutunzi, tubimwubahisha tumuhesha icyubahiro.

GUTANGIRA ISOMO

Tangiza igitekerezo ko "Icyumweru cya Mashami" atari impanuka. Byari byarahanuwe kera. Reba muri **Zekariya 9: 9** aho kwinjirana icyubahiro ku Mwami Yesu byabaye uko byari byarahanuwe mbere mu myaka 500. Ubu byari bisohoye.

Tangiza iyi Nyigisho werekana ko Umwami Yesu yariraye Yerusalemu (**imirongo 41-42**) kuko umwanya wabacitse wo kumwakira nka Mesiya byari kubahesha amahoro. Ubu igihe cyararenze none Umwami Yesu arababurira ku bw'ingaruka z'ibyago igihugu kizahura nabyo mu minsi iri imbere. Nkuko Yesu yabihanuye muri 30NK, (**Luka 19: 43-44**) Umusirikare mukuru wa Roma, Titusi, yigabiza Yerusalemu muri 70NK asenya Urusengeru atsemba abaturage bayo. Umwami Yesu yagendereye Yerusalemu aje gutanga agakiza ahabura umwanya rero ibyago bizaza.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Kwinjira mu cyubahiro (**imirongo 28-40**) by'Umwami Yesu mu ntangiriro z'icyumweru cyo Kubambwa ku Musaraba.
2. Abigishwa batera hejuru bahimbaza. (**umurongo 37**) Reba ko bavugaga ngo "amahoro mu Ijuru" aho kuvuga "amahoro ku isi" kuko urupfu rw'Umwami Yesu no kujya mu ijuru kwe bizazana "amahoro mu Ijuru". Naho ku isi nta "mahoro" kuko bari hafi yo kwica Umwami Yesu – Umwami w'Amahoro.
3. Yesu aririra Yerusalemu kuko abantu baho batamwemeye – batakaje uburyo, ubu igihe cyari kirenze. (**umurongo 42**)
4. Yesu yerekanye ko muwa 70 NK, Umusirikare mukuru wa Roma Titusi, azasenyaga Yerusalemu n'abayituye bagatsembwa kuko batamenye 'igihe cyo bagenderewe' (**umurongo 44**), bivugaga ko Umwami Yesu yabazaniye agakiza ariko banga kukakira.

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 4.

Erekanwa: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Kujya i Yerusalemu.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. **Kwinjira muri Yerusalemu** – Umwami Yesu yinjijye muri Yerusalemu ahetswe n'icyana cy'indogobe nk'uko byahanuwe muri **Zekariya 9: 9**. Abahamya b'intsinzi y'umwiyereko wa Yesu muri Yerusalemu babonye neza ko Yesu yasohoye ubuhanuzi bwatanzwe mu myaka irenga 500 mbere. (**Luka 19: 35-36**)
2. **Igihe cyo kwinjira muri Yerusalemu** – Yesu yahisemo igihe ubwo Isirayeli yose yabaga iteraniye i Yerusalemu ku bw'Umwami Mukuru wa Pasika.
3. **Ibyiringiro bya Rubanda** – Rubanda bahimbazaga Imana ko yabahaye umwami bari bategereje wo kuyobora igihugu. Nyamara, babonye ko arimo gushyiraho ubwami buzahoraho iteka baramurwanyaga. (**Luka 19: 38**)
4. **Uko Abafarisayo bitwaye** – Abafarisayo bijotera ko Yesu asingijwe maze bamusaba kubwira abantu ngo baceceke bityo Yesu abacyaha ababwira ko bafite umutima nk'uwamabuye! (**Luka 19: 39-40**)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 4.

Erekanwa: reba umugereka "FBI links in Appendix A" – Ku nzira ijya i Yerusalemu.

KURISUBIRAMO

Mutekereze ku nkuru maze muvuge akamaro ko kwiringira Umwami Yesu nk'Umukiza bwite ubu. Reba mu **2 Abakorinto 6: 2**, Ejo ntibizaba bigishoboka. Nanone reba uko isi izacirwaho iteka nk'uko byabaye muwa 70 NK, kandi abadaha umwanya Umwami Yesu ubu, icyo gihe bazarimbuka.

Subira muri iyi Nyigisho uyishyira mu bihe by'igihe Yesu yari ari ku isi. Yerusalemu yari ihuriro ry'idini n'ubutegetsi bwa Politiki ahabaga Abatware b'Abayuda n'Abaroma. Byinshi by'ingenzi kuri Yesu byabereye aho, ibyo harimo kubambwa no kuzuka. Icyumweru cye cyose cya nyuma niho yakimariye.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Reba icyo bivugaga kwanga icyaha no kwiringira agakiza k'Umwami Yesu. Umurongo w'Urufunguzo ujyana ku bakiriye Umwami Yesu kuba ari: 'abana b'Imana'. Tekereza ku zindi nteruro zivugaga abakiriye Umwami Yesu uko bari. (urugero: Abakristo, n'ibindi.)

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ubugingo buhoraho buracyashoboka ku babwakira mu gihe ari umwanya wabwo wo gutangwa.
2. Tekereza ku buryo Umwami Yesu akeneye ubuzima bwacu nk'uko bivugwa muri **Luka 19: 31**.
3. Nk'uko ubuhanuzi muri **Zekariya 9: 9** bwashohoye, niko n'ubuhanuzi ku Kugaruka k'Umwami Yesu buzasohora.

B4 – ICYICIRO 3
Isomo 1 – Umwami Yesu
Icyigwa – ‘Arapfa’

Muri Bibiliya: *Luka 23: 1-26 na 32-46*

Umurongo w’Urufunguzo: *Luka 23: 33*

Turamenya ko:

1. Yesu yapfuye kugira ngo tubabarirwe ibyaha.
2. Kugirango tujye mu ljuu tugomba kwanga ibyaha byacu tukiringira Umwami Yesu.

B4 – ICYICIRO 4
Inyigisho 1 – Umwami Yesu
Icyigwa – Urupfu rwe

Muri Bibiliya: *Luka 23: 32-56*

Imirongo y’Urufunguzo: *Yohana 15: 13,14*

Turamenya ko:

1. Kugira ngo tujye mu ljuu dukeneye kwemera ko turi abanyabyaha, bakwiriye igihano cy’Imana.
2. Rero dukeneye Umwami Yesu umuziranenge wahawe igihano mu kimbo cyacu.

GUTANGIRA ISOMO

Tangira iri somo ubaza abanyeshuri Pasika icyo ari cyo. Sobanura ko iri somo ritubwira inkuru ya Pasika ya mbere. Mukanire kuba iri somo ryerekana ko abantu bose batajya mu ljuu. Ibisambo bibiri byabambanywe n’Umwami Yesu kimwe kijya mu ljuu ikindi nticyajyayo.

Vuga muri make ibyabaye kugera ku musaraba, harimo ugufatwa, kubabazwa, no kujya i Kaluvariyo. Mukanire uko iyi nyigisho ivuga ko agakiza gashingiye ku kwihana no kwizera n’ukuntu igisambo kihanyeye cyagiye mu ljuu naho ikitihanyeye ntikigereyo.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Pilato nta cyaha yabonye muri Yesu ariko amucira urwo gupfa kugira ngo ashimishe rubanda. (*imirongo 1-7, 13-25*)
2. Nubwo Pilato na Herode bari abanzi icyo gihe bombi baba incuti, bahuriza ku kurwanya Umwami Yesu. (*umurongo 12*)
3. Amasaha atandatu yo kubambwa (9am-3pm) – Yesu yamanitswe ku musaraba ari hagati y’ibisambo bibiri byabaye gusohozwa ubuhanuzi bwa *Yesaya 53: 12*.
4. Hari ibisambo bibiri (*imirongo 39-43*) ariko kimwe kiba ari cyo kijya mu ljuu. Murebe umurongo 43: ‘uyu muni’ – ndashishikaye! -‘hamwe nanjye’ – tuzabana ‘muri paradizo’ – mbega amahirwe!
5. Amasaha atatu y’umwijiya (*imirongo 44-46*) maze umwenda ukingiriza ahera utabuka mo kabiri byerekana ko Umwami Yesu ari we nzira iya ku Mana. (*Abaheburayo 10: 19-20*)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi utere umwete abanyeshuri kuwiga. Uyu murongo ni incamake y’Isomo ariko **1Petero 3: 18a** waba umurongo mwiza wo gufata mu mutwe.

Igisha Isomo 1.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Gupfa.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Amasaha atandatu yo kubambwa mu gusohozwa ibyo muri *Yesaya 53: 12* - (isaha 3 – isaha 9).
2. Inkuru y’igisambo kihanyeye (*23: 42-43*) yerekana agakiza gashingiye ku kwihana no kwizera byonyine. Uwo muntu yagiye mu ljuu ariko ntiyigeze abatizwa nta yandi masakaramentu yahawe.
3. Ibisambo bibiri bihagarariye abantu – abakunda Umwami Yesu n’abanzi be.
4. Mu masaha atatu y’umwijiya, (*imirongo 44-46*) Yesu ahabwa igihano cy’ibyaha byacu kandi mu rupfu rwe hafungurwa inzira yo kwegera Imana ku bamusanga mu kwizera.
5. Inkuru yerekana (*imirongo 50-56*) ko n’ubwo Yosefu yari umwigishwa mu ibanga, ariko yari incuti y’Umwami Yesu nk’uko biri ku mugore wiringirwa wavuzwe, ibyo byagaragajwe n’icyubahiro cyo gushyingura yagiriye Umwami Yesu.

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 1.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” –Urupfu rwe.

KURISUBIRAMO

Subiramo isomo ubwira abanyeshuri gusoma *Yesaya 53: 12* byanditswe hashize imyaka irenga 100 mbere y’urupfu rw’Umwami Yesu byerekana uguhumekwa n’Imana kwa Bibiliya. Mu matsinda mwandike ingingo rusange z’inkuru zerekana ibyabereye ku musaraba.

Subiramo isomo ubwira abanyeshuri gusoma *Yesaya 53* byanditswe mu myaka 700 mbere y’urupfu rw’Umwami Yesu maze mukanire uko birabagirana ibyanditse muri *Luka 23: 32-56*. Ni ugushimangira guhumekwa kwa Bibiliya. Mu matsinda mukore urutonde rwa bumwe mu buhanuzi buvugwa muri *Yesaya 53* bwashorejwe ku musaraba.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ni gute twiringira ko twababariwe ibyaha?
2. Twese dusabwa kugira uruhande tubamo – uruhande rw’abakunda Umwami Yesu cyangwa uruhande rw’abanzi be.
3. Wabwira iki umuntu uvuga ko abantu bose bazajya mu ljuu?

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Twese dusaba kugaragaza niba turi incuti cyangwa abanzi ba Yesu.
2. Niba dukunda Umwami Yesu, nka Yosefu, tuzabona uburyo bwo kubigaragaza. Ni gute twabyerekana?
3. Wabwira iki uvuga ko abantu twese tuzajya mu ljuu?

B4 – ICYICIRO 3
Isomo 2 – Umwami Yesu
Icyigwa – Kuzuka

B4 – ICYICIRO 4
Inyigisho 2 – Umwami Yesu
Icyigwa – Kuzuka kwe

Muri Bibiliya: **Yohana 20: 1-18**

Umurongo w’Urufunguzo: **Abaroma 10: 9**

Turamenya ko:

1. Nyuma y’iminsi itatu mu mva Umwami Yesu azuka mu bapfuye.
2. Mariya Madalena yerekanye urukundo rwe ku Mwami Yesu Kristo.

Muri Bibiliya: **Luka 8: 1-3, Yohana 20: 1-18**

Umurongo w’Urufunguzo: **Abaroma 10: 9**

Turamenya ko:

1. Umwami Yesu yatsinze urupfu ubwo yazukaga.
2. Mariya Madalena yari afite umwete cyane akurikira Umwami Yesu Kristo.
3. Reba kuzuka ko byabaye kandi byerekanwa cyane muri Bibiliya.

GUTANGIRA ISOMO

Muganire ku cyo ‘kuzuka’ bivugwa ubaze abanyeshuri kwerekana abantu Umwami Yesu yazuye mu bapfuye (Lazaro – **Yohana 11: 44**, umukobwa wa Yayiro – **Luka 8: 55**). Murebe ko ububasha bwo kuzura uwapfuye ari ubw’Umwami Yesu.

Muganire uko ububasha bwo kuzuka ari ubw’Umwami Yesu maze werekane abantu yazuye mu bapfuye. (Lazaro – **Yohana 11: 44**, umukobwa wa Yayiro **Luka 8: 55**). Nanone, utangaze ko abapfuye bizera mu Mwami Yesu azabazura ahazaza.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Mariya Madalena, Petero na Yohana babonye ko habayeho kuzuka – imva irimo ubusa. (**Yohana 20 :1-8**)
2. Petero na Yohana basubiraye ariko Mariya Madalena asigara ategereje aririra hanze y’igituro. (**Yohana 20: 10-18**)
3. Umwami Yesu amuhembera uwo mwete amwiyereka ubwe kandi yavuze ko niyasubira mu ljuru, azohereza Umwuka Wera kuguma mu mitima y’abizera.
4. Amwohereza kujya kubwira abigishwa ko ari muzima kandi ko bazamubonera muri Galilaya. (**Matayo 28: 10**)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 2.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Kuzuka.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Mariya Madalena yakoreye Umwami Yesu mu gihe gito yariho agaragaza umwete aba uwa mbere kugera ku mva irimo ubusa. (**Luka 8: 1-3**)
2. Mariya Madalena, Petero na Yohana babonye ko habaye kuzuka, babonye kandi ibitambaro by’imyenda bizingazirye neza mu mva byerekana ko kugenda k’Umwami bitabaye huti huti mu kavuyo, ibyo bikabeshyuzwa ibivugwa ko umubiri we wibwe. (**Yohana 20: 3-9**)
3. Umuhate wa Mariya wahembwe kubonekerwa n’Umwami Yesu ubwe maze amubwira ko ubwo asubira mu ljuru, azohereza Umwuka Wera kuba mu mitima y’abizera. (**Yohana 20: 10-18**)
4. Yamubwiye kujya kubwira abigishwe ko ari muzima kandi ko bazahurira muri Galilaya. (**Matayo 28: 10**)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 2.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Kuzuka kwe.

KURISUBIRAMO

Huza iri somo n’imironko ikurikira mu Isezerano Rishya aho Umwami Yesu yahanuye ukuzuka kwe. Muganire ku kamaro k’igisobanuro cyo kuzuka.

- **Matayo 16: 21, 17: 22-23, 20 :18-19**
- **Luka 18: 31-33, 24: 7**
- **1 Abakorinto 15: 3-4**

Huza iri somo n’ibiri muri **1 Abakorinto 15: 3-8, 12-20** maze werekane uko **umurongo 4** ujanya kuri **Yesaya 53: 9** na **Zaburi 16: 9-10**.

Muganire ku bantu banyuranye babonye Umwami Yesu nyuma yo kuzuka (**1 Abakorinto 15: 5-8**) n’impamvu kuzuka kwe ari ingenzi cyane. (**1 Abakorinto 15: 17**)

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ni ingenzi ko abanyeshuri batura urukundo ku Mwami Yesu nk’Umukiza wabo bwite.
2. Reba uko urukundo tumufitiye rugera ku mibereho yacu.
3. Ni ingenzi ko twigira muri somo ukuri kudashidikanywa n’igisobanuro cyo kuzuka.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Reba akamaro k’imibanire bwite n’urukundo ku Mwami Yesu.
2. Kuzuka ni ishingiro ku kwizera Gikristo kuko niba Kristo atazutse mu bapfuye, urupfu rwe rwaba ari urw’ubusa tukaba tutagira ibyiringiro na busa byo kuzajya mu ljuru.

B4 – ICYICIRO 3
Isomo 3 – Umwami Yesu
Icyigwa – ‘Kuzamurwa’

Muri Bibiliya: *Yohana 20: 19-31; Luka 24: 45-53*

Umurongo w’Urufunguzo: *Luka 24: 51*

Turamenya ko:

1. Iyo Umwami Yesu atubwiye ikintu muri Bibiliya, tumushimisha tukemera.
2. Intego y’Ubutumwa bwiza bwa Yohana n’uko ababusoma bizera kandi bagahabwa ubugingo buhoraho.

B4 – ICYICIRO 4
Inyigisho 3 – Umwami Yesu
Icyigwa – Kuzamurwa mu Ijuru kwe

Muri Bibiliya: *Luka 24: 45-53; Ibyakozwe 1: 1-12*

Umurongo w’Urufunguzo: *Luka 24: 51*

Turamenya ko:

1. Umwami Yesu ashaka ko abe baba abagabo bo kumuhama ku isi.
2. Umwami Yesu azagaruka ku isi aje kujyana abe mu Ijuru.

GUTANGIRA ISOMO

Muganire, mutanga ingero ku kuntu mu kwizera ibintu byinshi ntaho byatugeze. Sobanura uko ukwizera k’Umukristo kudashingiye ku byo abona ahubwo ko ari ukwiringira mu Ijambo ry’Imana, n’Umwami Yesu.

Muganire uko duha agaciro amagambo ya nyuma avuzwe n’abo dukunda, by’umwihariko mbere y’uko bapfa. Reba amagambo yanyuma yavuzwe n’abantu bakomeye mu mateka. Ibyo bisanisha n’amagambo ya nyuma y’Umwami Yesu. (*Ibyakozwe 1: 8-9*)

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Muganire kw’ibonekerwa ry’abigishwa murebe amagambo Yesu yababwiye: “Mugire amahoro”. (*umurongo 21*) Sobanura ko ingaruka y’urupfu rwa Yesu n’uko abamwemera bakamwizera bafite amahoro nyayo. (*Abaroma 5: 1*)
2. Yesu yagize ubugwaneza kuri Tomasi mu kwemera guke maze amwemeza ko ari we Kristo wazutse. (*Yohana 20: 27-28*)
3. Tomasi asubizanya amagambo yo kwemera no kwiyemeza.
4. Nyuma y’iminsi mirongo ine azutse Umwami Yesu ajya mu Ijuru bari ku Musozi wa Elayono nyuma abigishwa basubira mu Rusengeru guhimbaza no gushimira Imana ku bw’uwo muzuko no gutegereza kugaruka kwe. (*Luka 24: 50-53*)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 3.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Kugenda.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Umwami Yesu yategetse abigishwa be kuba abagabo bo kumuhama (*Ibyakozwe 1: 8*) i Yerusalemu, mu gihugu cya Palestina no mu isi yose.
2. Umwami Yesu yazamuwe mu Ijuru bari ku Musozi wa Elayono (*Ibyakozwe 1: 12*) kandi azagaruka ku Musozi wa Elayono. (*Zakariya 14: 4*)
3. Yazamuwe ubwe bamureba. Umwami Yesu azagaruka ubwe (*Malaki 3:1*) kandi bamureba. (*Matayo 24: 30*)
4. Yakiriwe mu bicu ari mu bubasha n’icyubahiro kandi azagaruka ku bicu byo mu Ijuru afite ububasha n’icyubahiro. (*Matayo 24: 30*)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 3.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Kuzamurwa kwe.

KURISUBIRAMO

Mwige Umurongo w’Urufunguzo kandi muganire uko ari incamake y’isomo. Ibutsa abanyeshuri ko abigishwa nabo bari bategereje ugusohora kw’isezerano bahawe ryo kuza kwa Mwuka Wera. (*Luka 24: 49*)

Reba ibivugwa muri Bibiliya ku ngingo 1-4 ziri hejuru maze ugereranye itandukaniro ryo gusubira mu Ijuru kwe amaze kuzuka, no Kuzagaruka kwe ku isi.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ni gute twakwizera Umwami Yesu ko adukiza n’ubwo tutamubonye?
2. Umwami Yesu yashishikariye abigishwa be kuzamukorera amaze guzamura. Ni uwuhe murimo dushobora kumukorera?
3. Reba *Ibyakozwe 1: 8*

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ni gute abizera Umwami Yesu bamuhamiriza mu rugo, ku ishuri, mu ncuti ?
2. Tekereza ku bantu bavuye iwabo bakajya mu butumwa mu bindi bice by’isi.
3. Abanyeshuri bashobora kubwirana ubuhama bwabo bwite bw’ukuntu biringiye Yesu kuba Umukiza n’Umwami wabo.

B4 – ICYICIRO 3
Isomo 4 – Umwami Yesu
Icyigwa – ‘Kugaruka’

B4 – ICYICIRO 4
Inyigisho 4 – Umwami Yesu
Icyigwa – Kugaruka kwe

Muri Bibiliya: *Ibyakozwe 1: 4; 8-12*

Umurongo w’Urufunguzo: *Ibyakozwe 1: 11*

Turamenya ko:

1. Hakenewe imbaraga z’Umwuka Wera mu guhamya no kwigisha Ubutumwa bwiza.
2. Umwami Yesu, wagiye mu ljuu, azagaruka ku isi kujyana abaza biteguye kubana nawe mu ljuu.

Muri Bibiliya: *Yohana 14: 1-6; Ibyakozwe 1: 9-11*

Imirongo y’Urufunguzo: *1 Abatesalonike 4: 16-17*

Turamenya ko:

1. Kugaruka ku isi k’Umwami bizaba rwose n’ubwo itariki n’umunsi bitazwi.
2. Ubwo azaba agarutse, abapfiriye muri Kristo bazazuka maze hamwe n’Abakristo bazaba bariho icyo gihe bose bazamurwe mu ljuu.

GUTANGIRA ISOMO

Vuga ku muhamya, nk’ahabaye impanuka, ko ari uwari uhari akabona kandi akumva ibyabaye. Abigishwa bavugaga ku byo bamenye ubwabo ku Mwami Yesu. Reba kandi ko imbaraga abigishwa bahawe zo guhamya Umwami Yesu ari zimwe n’imbaraga duhabwa iyo twanze icyaha cyacu tukiringira mu gikorwa Umwami Yesu yakoreye ku musaraba ngo adukureho icyaha. Rero natwe tuba abahamya.

Ibutsa abanyeshuri ko ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bwose buvugaga ukuza k’Umwami ku isi bwashohoye, kandi niko n’ubuhanuzi bwo kugaruka kwe buzashohozwa. Munganire n’abanyeshuri uko bimera mu gihe uwo dukunda agiye azagaruka bitanze n’uburyo byaba bimeze ku byo kugaruka k’Umwami Yesu ku bamwiringira. Reba muri **Tito 2: 13**.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Umwami yategetse abigishwa be guhamya uhereye i Yerusalemu, ubundi muri Palestina, nyuma mu isi yose. (**Ibyakozwe 1: 8**)
2. Abagabo ‘babiri’ bambaye imyenda yera babonywe n’abagore bari mu mva, (**Luka 24: 4**) bababwiye ko Umwami Yesu adahari kandi yazutse mu bapfuye. Birashoboka ko ari abo bamarayika babwiye abigishwa ukugaruka kwe. (**Ibyakozwe 1: 10-11**)
3. Uko azagaruka bizaba nk’uko yazamutse.
4. Igihe cyo kugaruka kwe ntawe ukizi, rero ni ngombwa kuba twiteguye. (**Ibyakozwe 1: 7**)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 4.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Kugaruka kwe.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. ‘Abagabo babiri bambaye ibyera’ (**Ibyakozwe 1: 10-11**) babwira abigishwa ibyo kugaruka k’Umwami ku isi. Bihuze no kuba bishoboka ko ari abamarayika bavugwa muri **Luka 24: 4** babwiye ibyo kuzuka abagore bari ku gituro.
2. Gereranya isezerano ry’Umwami muri **Yohana 14: 3** no muri **Ibyakozwe 1: 11** maze usobanure umucyo no guhumekwa kw’Ibyanditswe.
3. Soma **1 Abatesalonike 4: 16-17** maze usobanure ihishurirwa ryihariye Pawulo yahawe ku Kugaruka k’Umwami bivuzwe ahakurikira:
Kumva ijwi – riranga n’impanda;
Kubona – Umwami ubwe;
Igitangaza – kuzamurwa;
Guhura binejeje – ‘guhurira n’Umwami mu kirere’;
Kumererwa neza – ‘kubana n’Umwami’ iteka.

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 4.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Kugaruka kwe.

KURISUBIRAMO

Tujiye ku mirongo ikurikira maze werekane uko Umwami Yesu avugaga ukugaruka kwe nk’ umujura mu ijoro’ kuko ntawe uzi igihe umujura azira. Rero dukeneye kumwizera ngo adukize kandi tukitegura dutegereje kugaruka kwe. **Matayo 24: 44, Luka 12: 20.**

Kugaruka kwe ntibiteye ubwoba ku bakijijwe biteguye guhura na We. Bibiliya yigisha ko Abakristo bazamureba aje bakabaho mu buryo bumunezeza. Reba muri **Tito 2: 11-14, na 1 Yohana 3: 2-3.**

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Buri wese akeneye kureba ko yiteguye kujya mu ljuu niba Umwami agarutse none aha.
2. Mu mucyo w’ibyo wize ku kugaruka kwe, ni iki wabwira uvuga ko hakiri igihe gihagije cyo kwitegura kujya mu ljuu?
3. Ni ikihe gihe cyiza cyo kwitegurira ljuu? Reba **2 Abakorinto 6: 22.**

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Abakristo babaho ubuzima bukiranuka mu mucyo wo Kugaruka k’Umwami kwegerereye ngo azasange ari indahemuka kuri We. Ibyo ni ukuvuga iki ?
2. Abatizera bazasigara ubwo azagaruka. Ni gute uko kuri kubabaje kuduhata, nk’Abakristo ku bijyanye no kubahamiriza?

B5 – ICYICIRO 3
Isomo 1 – Abagaragu b’Imana
Icyigwa – Gutegurwa n’Imana

Muri Bibiliya: Ibyakozwe 1: 7-9; Ibyakozwe 2: 1-13

Imirongo y’Urufunguzo: Yohana 14: 16-17

Turamenya ko:

1. Mu minsi ya mbere y’Itorero rya Kristo, Umwami Yesu yategetse abigishwa be kugenda no kubwiriza Ubutumwa hafi na kure mu isi yose.
2. Nk’uko Umwuka Wera yaje akaba mu mitima y’abigishwa niko abiringira mu Mwami Yesu bazahabwa Mwuka Wera muri bo n’imbaraga zibafasha kubaho ubuzima bwabo Gikristo.

B5 – ICYICIRO 4
Inyigisho 1 – Abakristo ba mbere
Icyigwa – Sitefano

Muri Bibiliya: Ibyakozwe 6: 1-15; 7: 54-60

Umurongo w’Urufunguzo: Ibyakozwe 6: 8

Turamenya ko:

1. Ni abantu bo mu rwego rwa Sitefano bahindurira isi ku Mana.
2. Ni abizera by’ukuri bonyine, nka Sitefano, bashishikajwe no gutangaza ukuri k’Ubutumwa bwiza bumva barebwa n’igishimisha Imana kuruta uko abantu babavugaga ndetse n’icyo babakoraho.

GUTANGIRA ISOMO

Bwira abanyeshuri batekereze uko byari bimeze ku bigishwa, nyuma ko Yesu azamuwe, no mu gihe Umwuka Wera yamanukaga kuri Pantekote. Sobanura uko Ibyakozwe n’intumwa birimo insanganyamatsiko ebyiri z’ingenzi:

1. Umwami Yesu, yarazamuwe, ubu arakorera ku isi mu bamwiringiye akoresha Umwuka we Wera.
2. Kuzuka n’ikuzo mu Ijuru by’Umwami Yesu biracyari izingiro ry’ubutumwa guhera igihe iki gitabo cyandikiwe muri 60-67 NK.

Muganire icyo gutotezwa bisobanura maze mutekereze ku ngero zo mu isi ya none. Sobanura ko mu muni ya mbere y’Ubukristo abayobozi b’idini bari bafite ijamba kuri leta kandi Abakristo bari barateguwe ko bazarwanywa ariko buri gihe bitwaye uko bikwiriye. Abakristo barubashye kandi bumvira leta yariho keretse mu byo amategeko y’abantu yavuguruzaga amategeko y’Imana.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Umurongo w’Urufunguzo muri iki gitabo ni **Ibyakozwe 1: 8** kandi byose mu Ibyakozwe biwushingiyeho urebye uko Ubutumwa bwagiye bukwira mu bice by’isi: Abahamya muri Yeusalemu – **Ibice 1-7** Abahamya muri Yudaya – **Igice 8: 1-4** Abahamya muri Samariya – **Igice 8: 5-25** Abahamya mu Isi hose – **Igice 8: 26**
2. Umunsi wa Pantekote (**2: 1**) ni umunsi Umwuka Wera yaje kuba no kuguma mu bizera – yaje kubamo. Buzura Umwuka Wera (**2: 4**). Iyo twiringiye Umwami Yesu Umwuka Wera atuzamo ariko kugira ngo twuzuzwe Umwuka Wera tugomba gusoma Bibiliya, kumara igihe dusanga no kubaho tugandukira Umwami.
3. Umwami Yesu yashyizeho urufatiro rutunganye mu kurangiza umurimo ku musaraba none abizera bambikwa imbaraga mu Mwuka we Wera, ngo bamuhanye bakwirakwiza Ubutumwa bwiza bw’urupfu rwe, kuzuka n’ubutumwa bw’agakiza kuri bose. Umwuka Wera avugwa kuba ‘Umufasha n’Umujyanama’ mu Murongo w’Urufunguzo **Yohana 14: 16** herekana kandi ko Umwami Yesu ari umurengezi wacu ni ukuvuga umwunganizi.

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 1.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Gutegurwa n’Imana.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Sitefano yari afite imimerere igaragaza ubuzima Gikristo – ubudahemuka, kuzuzwa Umwuka Wera, ukwizera n’imbaraga, ubwenge no gushaka gukorera Umwami Yesu. (**Reba Ibyakozwe 6: 3,5 na 8**)
2. Imiryango y’Abayuda bari bafite amasinagogi muri Yerusalemu no hafi yaho itangira kurwanya umurimo w’imbaraga wa Sitefano. Ubwo Sitefano agezwa imbere y’urukiko rukuru rw’Abayuda bamushinja ibinyoma; maze babona ubwiza bw’Umwami Yesu burabagirana mu maso ye. (**Ibyakozwe 6: 15**) Sitefano yiregura bikwiriye (**Ibyakozwe 7: 1-53**) maze ahangara abayobozi b’Abayuda, abarega kurwanya Umwuka Wera no kuba barabambishije Umwami Yesu.
3. Sitefano agomba kuba yari azi ko ubuzima bwe bwatanzwe ariko yemera gupfa aho kugambanira Umwami we. Uko yahamagaye abona ijuru rikinguye (**Ibyakozwe 7: 56**) imbaga y’abantu bamukurubanira hanze y’umurwa maze bamutera amabuye arapfa. (**Ibyakozwe 7: 57-58**)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 1.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Sitefano.

KURISUBIRAMO

Muganga Luka, umwanditsi w’Ibyakozwe n’intumwa, atangira aiyana kuri ‘byose Yesu yatangiye akora kandi yigisha’ mu **Ibyakozwe 1: 1**. Mu **Ibyakozwe 28: 31** Pawulo akomeza kwigisha inkuru nziza y’Ubutumwa. Reba ko ‘igitabo cy’Ibyakozwe kigikomeza – umurimo w’ivugabutumwa nturasozwa kuzageza ubwo Umwami azagaruka kujyana abamwiringira.’

Muganire ku buryo iyi mirongo ari incamake y’iri somo:

1. **2 Timoteyo 2: 3** – ‘Wihanganire imibabaro nk’umusirikare mwiza wa Kristo Yesu’;
2. **1 Petero 4: 14** - ‘Murahirwa nibabaturuka kubera izina rya Kristo, kuko Umwuka w’ubwiza aba kuri mwe ari we Mwuka w’Imana.’

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Abizera dutuwemo n’Umwuka Wera. Ni inshingano zacu zo ‘kuzuzwa Mwuka Wera’. Soma **Abefeso 5: 18**
2. Kwiga amasomo igihe cya Bibiliya byagutera umwete nawe: -Soma Bibiliya usenge. Mu buzima bwawe buri muni, shyira mu bikorwa ibyo wasomye n’ibyo Umwami yakuyoboyemo .

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Nk’uko Sitefano yishwe ahowe imyemerere ye mu rupfu no kuzuka by’Umwami Yesu, niko n’ubu Abakristo benshi batotezwa ndetse bakicwa muri bimwe mu bihugu ku bw’iyo myemerere.
2. Mu masengesho yacu, dusaba Umwami Yesu gukomeza ubudahemuka muri We, mu byatubaho byose mu buzima bwacu.

B5 – ICYICIRO 3
Isomo 2 – Abagaragu b’Imana
Icyigwa – Kwitegura gupfa!

Muri Bibiliya: *Ibyakozwe 6: 1-5, 8-15; 7: 54-60*

Umurongo w’Urufunguzo: *Matayo 5: 44*

Turamenya ko:

1. Sitefano yari uwo kwizerwa no mu tuntu duto mbere yuko akoresha n’Imana bigaragazwa mu kugabura ibyo kurya (*Ibyakozwe 6: 2*) byabanjirije gukora ibikomeye n’ibitangaza. (*Ibyakozwe 6: 8*)
2. Sitefano asa n’Umwami Yesu mu kwiringirwa n’ubunyangamugayo, umuntu wari witeguye gutanga ubugingo bwe ku bw’Ubutumwa bwiza.

GUTANGIRA ISOMO

Tekereza icyo bivuze gutoterezwa ukwizera kwawe maze utange ingero zo muri iki gihe. Sobanura uko Abakristo ba mbere bagendaga bakwirakwiza Ubutumwa bwiza ariko babangamirwaga n’ubutegetsi n’abayobozi b’amadini b’icyo gihe. Yego bubahaga bakumvira abatware, ariko biteguye kutumvira amategeko y’abantu mu gihe abangamira amategeko y’Imana, kugeza ubwo babihorwa.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Sitefano mu miterere ye avugaga kuba Umukristo wuzuye Umwuka Wera, ari inyangamugayo mu buzima, (*Ibyakozwe 6: 3*) yuzuye kwizera, imbaraga (*Ibyakozwe 6: 8*) n’ubwenge (*Ibyakozwe 6: 10*) kandi agira uruhare mu murimo w’Umwami. (*Ibyakozwe 6: 8*)
2. Afunzwe aringanwa n’abayobozi b’Abayuda, Sitefano yiregura yibutsa abamushinja ko uretse kuba Abayuda barakomeje kwanga Umwami Yesu byageze kundunduro babambye ku musaraba ‘Umuziranenge; Ukiranuka’. (*Ibyakozwe 7: 52*)
3. Nubwo yari akikijwe n’imbaga y’abantu barakaye bakamutera amabuye bamwica, Sitefano nk’Umwami Yesu nawe ashira umwuka we k’Uwiteka. (*Ibyakozwe 7: 59*) maze asabira abishi ubundi ‘arasinzira’. (*Ibyakozwe 7: 60*) Ijambo ‘gusinzira’ riyana ku mubiri we ‘ usinziriye’ kuzageza Umwami agarutse kujyana Itorero rye.

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 2.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Kwitegura gupfa!

KURISUBIRAMO

Menya ko abanyeshuri bize Umurongo w’Urufunguzo maze muganire uko ari incamake y’iri somo n’uko ujyana ku Mwami Yesu no kuri Sitefano bombi mu buryo basabiye ababisha (*Luka 23: 34 na Ibyakozwe 7: 60*) kandi bombi bagashyira ubugingo bwabo ku Mana. (*Luka 23: 46 na Ibyakozwe 7: 59*)

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Mu bihe bigoye, kuba indahemuka ku Mwami Yesu?
2. Uko umwete wa Sitefano yagiriye Umwami udusaba kugira umwete kuri We ubu ngubu, mu gihe amategeko ya za leta yaba abangamiye rwose Ibyanditse byera

B5 – ICYICIRO 4
Inyigisho 2 – Abakristo ba mbere
Icyigwa – Filipo

Muri Bibiliya: *Ibyakozwe 6: 5; 8: 4-17; 8: 26-40.*

Umurongo w’Urufunguzo: *Ibyakozwe 8: 35*

Turamenya ko:

1. Filipo yari umwigisha w’Ubutumwa bwiza ushoboye washakaga kuva muri Samariya y’ububutse akajya mu butayu bwa Gaza kubwiriza Ubutumwa umuntu umwe wari ubukeneye.
2. Ubwo yemeraga Umwami Yesu kuba Umukiza we bwite, Umunyetiyopiya yagombye no kumvira Umwami arabatizwa maze abona ibyishimo byinshi mu mutima asubira iwabo.

Filipo ni umwe mu bantu barindwi batoranijwe gukora imirimo yo mu itorero *Ibyakozwe 6: 5*. Nyuma yabaye umuvugabutumwa maze ajyana Ubutumwa bwiza muri Samariya. Ubwo yari hagati mu bubyutse muri Samariya, Umwami amuhamagarira kujya i Gaza, mu gihugu cy’ubutayu ngo ahure n’umunyamahanga uturuka muri Etiyopiya wari umukeneye maze ashaka gukoresha Filipo ngo ahindure uwo muntu kandi anamubatize. Ibyo birangiye Filipo ahakurwa bitangaje maze akomeza kujya kubwiriza Ubutumwa bwiza ahandi.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Filipo yumviye itegeko ry’Imana aya kubwiriza Umunyetiyopiya.
2. Umunyetiyopiya agomba kuba yaravuye muri Afurika akajya i Yerusalemu kuramya ariko avayo atarasobanukirwa Ubutumwa bwiza by’ukuri. Aya muri Bibiliya ngo afashwe. (*8: 27-28*)
3. Filipo, ayoborwa n’Uwiteka, ahagera igihe gikwiriye maze amusobanurira ibyo muri Yesaya 53. Amwerekaga uko icyo gice kivugaga byose by’ubuzima n’urupfu by’Umwami Yesu. (*8: 34-35*)
4. Umunyetiyopiya yizera Umwami Yesu maze ako kanya abatizwa mu mazi menshi ubundi asubira iwabo yishimye. (*8: 36-38*)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 2.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Filipo.

Huza iyi nyigisho na **Yesaya 53**. Garagaza ko iki gice cyanditswe hagati ya 740 na 680 MK n’uko ubuhanuzi bwa Yesaya bwavugaga urupfu, guhambwa, kuzuka no gushyirwa hejuru by’Umwami Yesu Kristo.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Mu gihe Uwiteka aduhamagaye kumukorera, twumvira nta kibazo nka Filipo?
2. Ni gute dusohozaga inshingano zacu Gikristo tuba abahamya b’Umwami Yesu, tuzana abandi kuri We?
3. Ese abanyeshuri bafata batisimu nko kwerekana kwizera kwabo ku mugaragaro?

B5 – ICYICIRO 3
Isomo 3 – Abagaragu b’Imana
Icyigwa – Batojwe kumva!

B5 – ICYICIRO 4
Inyigisho 3 – Abakristo ba mbere
Icyigwa – Koroneliyo

Muri Bibiliya: *Ibyakozwe 8: 1-5; 26-40*

Umurongo w’Urufunguzo: *Ibyakozwe 16: 31*

Turamenya ko:

1. Ukumvira nta ngingimira bya Filipo byatumye Uwituka amukoresha kuzana Umunyetiyopiya ku Mwami.
2. Umunyetiyopiya agenda yishimye bitewe no kumvira Umwami kwe.

Muri Bibiliya: *Ibyakozwe 10: 1-8; 23-48*

Umurongo w’Urufunguzo: *Ibyakozwe 10: 43*

Turamenya ko:

1. Ubutumwa bwiza ni ubwa bese, Abayuda n’Abanyamahanga nabo.
2. Koroneliyo n’abo mu rugo rwe bari mu Banyamahanga ba mbere bizeye Umwami Yesu.

GUTANGIRA ISOMO

Sobanura ko rimwe na rimwe Imana ishaka ko dukora ikintu gihabanye n’icyo twaba tugamije. Sobanura ko Filipo yabonaga umurimo ukomeye urimo gukorwa muri Samariya. Nyamara, abwirwa n’Umwami kuva aho hantu abantu benshi barimo guhinduka akajya mu butayu bwa Gaza ngo afashe mu by’umwuka umuntu umwe, Umunyetiyopiya.

Mu buryo bworoheje vuga imiterere hagati y’Umuyuda n’Umunyamahanga, n’ukuntu ubusanzwe Umuyuda ategeraga cyangwa ngo aye mu nzu y’Umunyamahanga. Koroneliyo yari umutware w’ingabo ijana za Roma (Umunyamahanga), yabaga mu mugi wa Kayizariya kandi yashimwaga mu kazi ke ka gisirikare. N’ubwo yabagaho mu gukiranuka ntabwo yari azi Umwami Yesu. Nyamara yashakaga kubabarirwa ibyaha bye maze Imana irabibona ku buryo yamuhuje na Petero waje kumubwiriza Ubutumwa bwiza we n’umuryango we.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Filipo yahuye n’Umunyetiyopiya asoma muri **Yesaya 53: 7-8** maze Filipo aboneraho umwanya wo kumubwira ku buzima n’urupfu by’Umwami Yesu.
2. Umunyetiyopiya amenyeshwa na Filipo uwo Yesaya yanditseho ko ari Umwami Yesu wapfiriye ku musaraba ngo adukize bityo Umunyetiyopiya abona ko yari umunyabyaha maze yakira Umwami Yesu nk’Umukiza we bwite aramwizera. (**Ibyakozwe 8: 34-38**)
3. Filipo abwira Umunyetiyopiya ugutoneshwa kuri mu kubatizwa maze bageze hafi y’amazi, Filipo aramubatiza. Abagaragu bagendanaga n’Umunyetiyopiya ntibabonye umubatizo we gusa ahubwo babonye n’ukuntu Umunyetiyopiya yari yishimye kuba akurikira uwari uzwi kuba Yesu w’i Nazareti muri ibyo bihe.

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.
Igisha Isomo 3.
Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Batojwe kumva!

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Koroneliyo umunsi umwe mu masaha 9 arerekwa marayika w’Imana aramubonekera amubwira kohereza abantu i Yopa gutumira Petero. (**10: 3-6**)
2. Petero ageze mu rugo kwa Koroneliyo hari abandi baje kumwumva yigisha. (**10: 24**)
3. Petero abwira abari aho avuga ko Imana itarobanura ku butoni – agakiza kagenewe Abayuda n’Abanyamahanga nabo. (**Ibyakozwe 10: 34-35**)
4. Petero yabwirije abari aho iby’ubuzima, urupfu no kuzuka by’Umwami Yesu arangiza ababwira ko niba bizera muri We, babarirwa ibyaha byabo. (**10: 38-44**)
5. icyo ni cyo Abanyamahanga bari aho bakoze, maze baba mu Banyamahanga ba mbere bizeye Umwami Yesu kandi barabazizwa. (**Ibyakozwe 10: 47-48**)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.
Igisha Inyigisho 3.
Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Koroneliyo.

KURISUBIRAMO

Huza iri somo na **Yesaya 53** maze muganire ku **mirongo 7 na 8** by’umwihariko. Nk’uko intama icecekerana imbere y’abayikemura, niko Umwami Yesu yitwaye ku musaraba. Ntabwo yaciriwe urubanza rwiza kandi akurwaho mu busore bwe abambiwe ibyaha byacu.

Reba umwanya wa Petero nk’Umuyuda yinjira mu nzu y’Umunyamahanga. Soma mu **Ibyakozwe 10: 9-17** ubone uko Petero yayobowe ku byo akora, n’uko agomba gutekereza ibyo kujyana Ubutumwa ku Banyamahanga.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Kumva ko Abakristo bumvira bashobora kuzana umugisha mu buzima bw’abandi – ari Abakristo cyangwa ari abatari bo, byombi.
2. Ukwizera mu Mwami Yesu bwite gukurikirwa no kubatizwa.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Gusobanukirwa ko kubabarirwa ibyaha bishoboka kuri bese, hatarebwe ubwoko, umuco cyangwa idini.
2. Muganire ko ubu dufite Bibiliya yo kutwigisha icyo gukora mu buzima n’uburyo ibyaha byacu byababarirwa !

B5 – ICYICIRO 3
Isomo 4 – Abagaragu b’Imana
Icyigwa – Bateguriwe kugenda!

B5 – ICYICIRO 4
Inyigisho 4 – Abakristo ba mbere
Icyigwa – Barinaba

Muri Bibiliya: *Ibyakozwe 10: 1-20; 24-29; 33-43*

Umurongo w’Urufunguzo: *Ibyakozwe 10: 43*

Turamenya ko:

1. Ubwo Koroneliyo yari umuntu w’Imana, yari akeneye umubwira uko yaba Umukristo.
2. Petero amenya, mu iyerekwa ko Ubutumwa bwiza butari ubw’Abayuda gusa ahubwo ko ari ubwa buri wese.

Muri Bibiliya: *Ibyakozwe 4: 32-37; 9: 26-31; 11: 19-30*

Umurongo w’Urufunguzo: *Ibyakozwe 11: 24*

Turamenya ko:

1. Ntitugirwa Abakristo no gukora ibyiza.
2. Abakristo bakora ibyiza kuko ‘ineza’ ari imwe mu mbuto z’Umwuka Wera mu buzima Gikristo. **Abagalatiya 5: 22)**

GUTANGIRA ISOMO

Iri somo ryabereye muri Kayizariya, umurwa ku nkombe y’inyanja. Koroneliyo yari umutware w’ingabo z’abantu ijana z’Abaroma. Uyu yari mu mutwe witwa Italiyano aho ngaho. Ariko yari umuntu ushaka Imana. Yari Umunyamahanga, kandi kugeza ubu Petero yarimo abwiriza Ubutumwa kuri bene wabo b’Abayuda gusa.

Tubwirwa Barinaba bwa mbere mu **Ibyakozwe 4: 36**. Izina rye risobanura ngo “umwana wo guhugura”. Yavuye mu kirwa cya Kupuro kandi Bibiliya itubwira ko yagurishije ubutaka bwe amafaranga akayazanira Intumwa. Yabagaho akurikiza uko yitwa ku buryo Ubuntu bwe bwakomeje cyane Intumwa.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Mu iyerekwa, marayika abwira Koroneliyo, kohereza abantu kuzana Simoni Petero i Yopa mu murwa wari mu majyepfo ya Kayizariya. **(Ibyakozwe 10: 3-6)**
2. Bukeye, Petero agira iyerekwa yagiye gusenga ari hejuru y’inzu aho bicara. Imana ihishurira Petero ko Ubutumwa bwiza butagarukira ku Bayuda gusa ko bugera no ku Banyamahanga nabo. Imana ibona ibice bibiri by’abantu – abayo n’abatari abayo! **(Ibyakozwe 10: 9-16)**
3. Petero ageze kwa Koroneliyo, avuga kuba yemeraga ko ugutoneshwa n’Imana kugarukira ku b’Isirayeli, ariko akaba yamenye ko Imana itarobanura ku butoni. **(Ibyakozwe 10: 34-35)**
4. Petero abwiriza Ubutumwa bwiza ku bari aho bose yibanda kuba agakiza ari aka ‘buri wese wizera Yesu’. **(Ibyakozwe 10: 43)**
5. Abari bahari bose barizera maze barabatizwa maze ibyo biba intangiriro yo kwinjira kw’Abanyamahanga mu Itorero.

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 4.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Batojwe kugenda!

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Barinaba yari umugaragu w’umwete ku Mwami kuko atikundaga. Yakoresheje igihe cye n’ubutunzi bwe kugira ngo abandi bafashwe. Yashakaga ko abantu baza bakamenya Umwami Yesu kandi yashakaga gufasha abari mu bukene bw’iby’ibanze mu buzima. Ingaruka n’uko avugwa kuba ‘umuntu mwiza’. **(Ibyakozwe 11: 24)**
2. Barinaba yerekanye ineza kuri Pawulo. **(Ibyakozwe 9: 27)** Atabara Pawulo ubwo Abakristo b’i Yerusalemu batinyaga kumwakira.
3. Barinaba yoherejwe n’Itorero i Yerusalemu gushyigikira Itorero ryavutse muri Antiyokiya maze ari aho abantu benshi bahindukirira Umwami. Yateye umwete Abakristo bashya muri Antiyokiya wo ‘kuba ab’ukuri ku Mwami.’ **(Ibyakozwe 11: 23)** Bishoboka ko kugeza ubu nta yandi magambo y’ubwenge yigeze abwirwa abahindutse vuba!
4. Mu gihe Barinaba yageraga muri Antiyokiya akabona ibyahaberaga byose, yamenye ko akeneye umufasha bityo ajya i Taruso azana Pawulo ngo amufashe. **(Ibyakozwe 11: 25-26)**

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 4.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Barinaba.

KURISUBIRAMO

Mwige Umurongo w’Urufunguzo maze muganire uko ari incamake y’isomo ry’uyu muni. Nanone yobora abanyeshuri ku nteruro ‘uwizera wese muri We - **Yohana 3: 15-16**.

Subiramo inyigisho ubaza ibibazo bizafasha abanyeshuri gusubiza neza ibyabajijwe mu Nyigisho 4.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Kubwira Ubutumwa bwiza urubwirako rwo mu bindi bihugu?
2. Vuga **Ibyakozwe 10: 34-35** mu magambo yawe bwite.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Kugaragaza ‘ineza’ mu buzima bwacu nk’Abakristo?
2. Kuba ab’ukuri ku Mwami Yesu nk’Abakristo?
3. Gukomeza abandi Bakristo barimo kunyura mu bihe bigoye.

B6 – ICYICIRO 3
Isomo 1 – Ubuzima bwa Yosefu
Icyigwa – Karosi

Muri Bibiliya: *Itangiriro 37: 1-11*

Umurongo w'Urufunguzo: *Itangiriro 37: 8*

Turamenya ko:

1. Mu gihe Yosefu yari akiri ingimbi, afite imyaka cumi n'irindwi, Imana yamubwiriye mu nzuzi imuhishurira umugambi imufitiye w'ubuzima.
2. Ishyari ni icyaha Imana yanga mu buryo kizana ibindi byaha rikaba rigomba kwirindwa.

B6 – ICYICIRO 4
Inyigisho 1 – Yakobo n'Umuryango we
Icyigwa – I Harani

Muri Bibiliya: *Itangiriro 29: 1-30*

Umurongo w'Urufunguzo: *Abagalatiya 6: 7*

Turamenya ko:

1. Yakobo yariganije se na mukuru we maze akiza ubuzima bwe ahungira kwa nyirarume i Harani.
2. Imana igenga ibintu byose kandi igena igihe cyayo gikwiriye.
3. Niba twibonyeho ibikorwa by'icyaha, tuzagerwaho n'ingaruka zabyo.

GUTANGIRA ISOMO

Ibutsa abanyeshuri iby'abakurambere ba Yosefu uhereye kuri Aburahamu, Isaka, Yakobo n'umuryango we. Yosefu ni umwe mu bahungu ba Yakobo nyina yitwa Rasheli. Yari umushumba. Murumuna we bavukana yitwa Benyamimini nubwo nyina akimubwira yahise apfa, ariko yari inkundwakazi ya Yakobo bityo Yosefu na Benyamini nabo batoneshwa na se Yakobo.

Ibutsa abanyeshuri abakurambere ba Yakobo. Yakobo yari umuhungu wa Isaka na Rebeka Esawu akaba umuvandimwe we. Yabaga i Berisheba maze ahungira i Harani kuko Esawu yari yagambiriye kumwica, bitewe no kumuriganya umugisha w'ubukuru. (vuga inkuru mu ncamake) Yakobo yari afite imyaka 77 ava i Berisheba; amara imyaka 20 akorera nyirarume Labani, imyaka 33 agarutse i Kanani 7 ya nyuma mu buzima bwe ayimariya muri Egiputa. Urugendo kuva Berisheba ujya Harani ni hafi ibirometero 750 (500 miles).

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Yosefu yanzwe n'abavandimwe be kuko bakoraga ibibi akabibwira se Yakobo nawe kandi akamukundira ko yari umuhungu wa Rasheli n'ubu mu busaza bwe. **(37: 2)**
2. Ikanzu ndende y'amabara menshi yerekanaga uko Yakobo akunda Yosefu ariko yakuruye ishyari, urwango no kwifuzza mu mitima. **(37: 3 na 4)**
3. Mu nzuzi za mbere za Yosefu, imiba cumi n'umwe yunamye uwa cumi n'ibiri byari guhanura ko umunsi umwe abavandimwe be bazamupfukama imbere. Inzuzi za kabiri nazo ni ubuhanuzi ko abavandimwe bazamupfukama imbere hamwe na Yakobo (izuba) na Leya (ukwezi) (nyina wabo – muka se) kuko Rasheli yari yarapfuye. **(37: 5-11)**

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 1.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix B" – Karosi.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Ukugena igihe kw'Imana kuratunganye ku buryo Yakobo aho yagiye yayobowe ku bashumba b'i Harani baragiye imikumbi aho Rasheli yageze n'umukumbi we.
2. Yakobo yakoreye nyirarume, atandera Rasheli, ariko Labani amuriganya amushyirira Leya mukuru wa Rasheli. Yagombaga gukora imyaka 7 kugira ngo arongore Rasheli ariko yongera gukora indi myaka 7. **(Itangiriro 29: 15-30)**
3. Yakobo yari yarariganije se na mukuru we none nawe ubu ariganijwe na nyirarume. Yakobo yabibye uburiganya none arabusaruye!

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 1.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix B" – I Harani.

KURISUBIRAMO

Subiramo isomo n'ihurizo, ubaza ibifasha abanyeshuri gusubiza ibibazo byabajijwe muri Igihe cya Bibiliya Isomo 1.

Koresha ikarita ufashe abanyeshuri gutekereza muri Siriya ubu ngubu. Urugendo rwa Yakobo kuva Berisheba aya Harani muri Siriya ubu ngubu. Wababwira ibiriho ubu by'amakimbirane mu Burasirazuba bwo hagati nka Siriya, Yorodaniya na Iraki aterwa n'uko abaho bose bashakira gukuzwa ububasha bwabo aho gushakira imbaraga mu bushake bw'Imana ku buzima bwabo. Ubushake bwite bwa Yakobo buracyakora mu buzima bw'abantu uyu munsi – kuko twese twavutse turi abanyabyaha!

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Imana ifite umugambi ku buzima bwa buri wese. Iyo twizera Umwami Yesu nk'Umukiza wacu, asohozza uwo mugambi. Dukora ibyo atwigisha muri Bibiliya kandi dukeneye buri munsi gusenga ngo atuyobore mu nzira ze.
2. Twirinde icyaha cy'ishyari mu buzima bwacu; Bibiliya ikita kuba ari: 'kibi nk'uko imva iri'. **(Indirimbo ya Salomo 8: 6)**

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Twemere ko nitutihana ibyaha byacu ngo twiringire agakiza k'Umukiza tuzasarura ingaruka z'ubuzima bw'icyaha cyacu.
2. Dukeneye nk'Abakristo ko niba dukoze icyaha twihutira kucyatura ku Mwami Yesu akatubabarira **(1 Yohana 1: 9)**, kandi tukakireka kitaratugeza aho kwiheba mu buzima.

B6 – ICYICIRO 3
Isomo 2 – Ubuzima bwa Yosefu
Icyigwa – Umuvandimwe wanzwe

Muri Bibiliya: *Itangiriro 37: 12-36*

Umurongo w'Urufunguzo: *Abaroma 6: 12*

Turamenya ko:

1. Mu buzima bwacu icyaha gitangira ari akantu gato, kandi tutagisabiye imbabazi ku Mwami Yesu, kizakura kirenge mu buzima bwacu.
2. Mu gihe twemejwe icyaha ni ngombwa kucyatura ako kanya ku Umwami Yesu.

B6 – ICYICIRO 4
Inyigisho 2 – Yakobo n'umuryango we
Icyigwa – I Penuweli

Muri Bibiliya: *Itangiriro 32: 1-32*

Umurongo w'Urufunguzo: *Itangiriro 32: 11*

Turamenya ko:

1. Yakobo yasenze Imana yihebye ku buryo akeneye kurindwa n'Imana.
2. Yakobo nyuma yeguriye Imana ubugingo bwe maze yaturira Imana ko izina rye ari Yakobo, bivuga "umuriganya". Imana ihindura izina rye kuba Isirayeli, bivuga 'igikomangoma cy'Imana'.

GUTANGIRA ISOMO

Subira uvuge inkuru ya Yosefu maze wibutse abanyeshuri amakimbarane yari mu muryango wa Yakobo n'impamvu yabiteye.

Mu *Itangiriro 27*, Yakobo yabeshye se Isaka ariganya Esawu amutwara umugisha. Muri iri somo abahungu ba Yakobo baramubeshya bakoresheje amaraso y'isekurume. Byakumvikana ko Yakobo yabyibutse ubwo abahungu be bamubeshyaga. Akababaro k'ikimwaro kongeye kugaragara mu buzima bwa Yakobo!

Muganire ku mahuriro abanyeshuri baba baragiranye n'abantu bakomeye. Sobanura ko muri iyi nyigisho dutekereza ku guhura n'Imana n'icyo byatanze kuri Yakobo. Umuntu wakiranye na Yakobo (*Umurongo 24*) nta wundi utari Uwiteka ubwe. Soma *Hoseya 12: 4*. Nanone reba aho Uwiteka (i) yabonekeye Mose mu gihuru cyaka ntigikongoke; (*Kuva 3: 1-22*) (ii) yabonekeye Mose kabiri ubwo inkoni yahindutse inzoka n'ikiganza kikuzuraho ibibembe; (*Kuva 4: 1-17*) (iii) yabonekeye Yesaya atuma Yesaya n'uko Yesaya yasubije; (*Yesaya 6*) (iv) yabonekeye Sawuli mu nzira ijya Damasiko. (*Ibyakozwe 9: 1-19*) Ibande kuba abo bantu bose baragize ihuriro rikomeye n'Uwiteka n'ingaruka babonye zitazibagirana.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Urwango rw'abavandimwe ba Yosefu rwageze aho bamujugunya mu rwobo. (*37: 12-18*)
2. Abavandimwe ba Yosefu bamugurishije n'Abishimayeli (Abamediyani) ibiceri makumyabiri by'ifeza bari mu nzira baja mu Egiputa. (*37: 25-28*)
3. Yakobo se wa Yosefu, yakomeretse umutima ubwo abahungu be bamubeshyaga. Bamweretse ikanzu bari binitse mu maraso y'isekurume maze Yakobo yemera ko umuhungu we yapfuye. (*37: 31-35*)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.
Igisha Isomo 2.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix B" – Umuvandimwe wanzwe.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Yakobo yaturukaga Harani aya Kanani kandi atinya ko Esawu yamwica nk'uko yari yaravuze mu myaka makumyabiri ishize. (*Itangiriro 27: 41*)
2. Yakobo yohereza imikumbi itatu ikurikiranye y'amatungo, yose hamwe 580, kugira ngo yurure Esawu. (*32: 13-21*)
3. Yakobo arara i Penuweli wenyine (imbere y'Imana) – abona ibikomeme mu buzima bwe. Imana imukura itako kandi ihindura izina rye Yakobo mo Isirayeli. (*32: 22-32*)
4. Yakobo amenye ko Esawu aje ari kumwe n'abantu 400 umuryango we awucamo ibyiciro bibiri kugira ngo icya mbere ni kirimburwa icya kabiri gishobore guhunga. (*33: 1-2*)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.
Igisha Inyigisho 2.

Erekana: reba umugereka "FBI links in Appendix B" – I Penuweli.

KURISUBIRAMO

KURISUBIRAMO Muvuge uko muri iyi nkuru, Imana ibyo byose yari ibirimo kuko Abishimayeli batabizi batwaye ku buntu Yosefu ngo agere muri Egiputa agurwe na Potifari umwe mu batware ba Farawo. Ni muri Egiputa Imana yari igiye gukungahaza umugisha kuri Yosefu akaba uwa kabiri mu butegetsi bwa Egiputa yose.

Sobanura ko Zaburi 76: 10 yerekana kuba Imana ishobora guhindura umujinya w'abantu ibiyihimbaza maze ibyo idashaka ikabiburizamo.

Subiramo iyi Nyigisho ubaza ibibazo bizafasha abanyeshuri kubona ibisubizo by'ibyabajijwe mu Nyigisho 2. Bitondere kumenya ibisobanuro by'ibikurikira:

Manahimu (*umurongo 2*) – imyuka ibiri.
Yakobo (*umurongo 27*) – umuriganya.
Isirayeli (*umurongo 28*) – ukirana n'Imana cyangwa igikomangoma cy'Imana.
Penuweli (*umurongo 30*) – amaso y'Imana.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Muganire niba abanyeshuri baba barigeze bagira urwango n'ishyari mu mitima yabo ku bandi? Niba ari uko, bese bakeneye kwatura icyaha cyabo ku Mwami Yesu bagasaba ko abaha imbaraga zo kubaho babohowe ikibi. Reba muri 1 Yohana 1: 7
2. Mwige Umurongo w'urufunguzo Abaroma 6: 12, maze utere umwete abanyeshuri ko bawugira ihame riyobora ubuzima bwabo.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Yakobo wenyine n'Imana. (*umurongo 24*) Nk'abanyabyaha tugomba ubwacu guhura n'Imana ngo tubone agakiza. Buri wese akeneye guhura n'Imana ngo ababarirwe ibyaha bye!
2. Marayika yakiranye na Yakobo (*umurongo 24*) amumaramo ubwibone bwe n'uburiganya. Imana ni yo yonyine yakora nk'ibyo kuri twe.
3. Yakobo yahinduriwe izina. Natwe twese dukeneye ko amazina yacu ahinduka kuba Umukristo? Uwizera? Maze tugahindura imyifatire, uko turi imbere y'Imana, imibanire n'Imana, uko tugenda imbere y'Imana.

B6 – ICYICIRO 3
Isomo 3 – Ubuzima bwa Yosefu
Icyigwa – Imfungwa yiringirwa

Muri Bibiliya: *Itangiriro 39: 1-6; 19-23*

Umurongo w’Urufunguzo: *Itangiriro 39: 21*

Turamenya ko:

1. Nubwo Yosefu yari mu Egiputa kure y’iwabo, yakomeje kuba indahemuka ku Mana no mu bihe bikomeye cyane.
2. Imana yamuhozagaho ijisho kandi imufitiye aheza hazaza hakomeye. (**Abaroma 8: 28**)

B6 – ICYICIRO 4
Inyigisho 3 – Yakobo n’umuryango we
Icyigwa – I Beteli

Muri Bibiliya: *Itangiriro 35: 1-15*

Umurongo w’Urufunguzo: *Zaburi 37: 7*

Turamenya ko:

1. Yakobo yitegura guhura na Esawu, yari akeneye ubufasha bw’Imana buri gihe.
2. Abakristo dushobora kuzerera tukajya kure y’inzira z’Imana ku buzima bwacu, ariko ntizatureka cyangwa ngo itwibagirwe.
3. Abakristo, dukeneye ubufasha bw’Imana mu byo tutakoze neza no mu bibazo n’ingorane tuzahura nazo.

GUTANGIRA ISOMO

Muganire ku karengane gatuma abantu bafungwa nta kibi bakoze. Sobanura uko ibyo byabaye kuri Yosefu. Vuga ko mu bihugu bimwe, ubu ngubu, abizera bafunzwe. Ntibafungwiye kuko hari ikibi bakoze ahubwo bafungwiye kuko ari indahemuka ku Mana, mu kwiringira no kumvira ibyo bize muri Bibiliya, by’uburyo bwo kubaho nk’Abakristo.

Tangira Inyigisho ugaragaza ko uwiringira Uwitaka azamurinda – amahoro ari mu Uwitaka. **Zaburi 91** na **Abaroma 8**, hagaragaza uko kurindwa. Imirongo ikurikira ni iyo kwiringirwa mu gutangira no mu kureba akahise: **Zaburi 91: 2, 15**; na **Abaroma 8: 31**.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Yosefu Abishimayeli bamugurishije kuba umucakara w’umutware w’abarinzi ba Farawo, ari we Potifari. (**39: 1**)
2. Umugore wa Potifari arabeshya, amushinja ikinyoma, maze Yosefu arafungwa. (**39: 7-20**)
3. Yosefu yitwara neza muri gereza ku buryo umurinzi wa gereza yamuhaye akazi. (**39: 21-23**)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 3.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Imfungwa yiringirwa.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Imana itegeka Yakobo guhigura umuhigo yahize mu myaka mirongo itatu mbere, mu **Itangiriro 28: 20-22**, maze asubira i Beteli.
2. Yakobo ategeka abo mu muryango we kujugunya imana z’abanyamahanga no kumesa imyenda yabo kugira ngo batere ubwoba abaturanyi babo b’abapagani. (**Itangiriro 35: 2-5**)
3. Yubaka igicaniro aho ahita ‘Eli Beteli’, aramya Imana yamurinze Esawu. (**Itangiriro 35: 6-7**)
4. Imana yongera guhura na Yakobo i Beteli isubira mu isezerano yagiriye Aburahamu na Isaka. (**Itangiriro 35: 11-13**)

Sobanura Umurongo w’Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 3.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – I Beteli.

KURISUBIRAMO

Subiramo isomo ubaza abanyeshuri kuvuga uko Imana yakuyeho umugambi wa Satani ku buzima bwa Yosefu n’uko Yosefu yaje kujya hejuru nk’indahemuka, uwiringirwa n’uwizera usohoza inshingano ze.

Rasheli yita umwana we Benoni bivuga ‘umwana w’umubabaro wanjye’ ariko Yakobo amwita Benyamini, bivuga ‘umwana w’ukuboko kwanjye kw’iburyo’. Muganire uko iyi nyigisho ishushanya kuvuka kundi mwana, ari ko k’Umwami Yesu uzababazwa ku musaraba maze agashyirwa hejuru iburyo bw’Imana mu Ijuru. Nk’uko Beteli yabaye iyo kwibukwa kuri Yakobo niko Kaluvariyo izaba iyo kwibukwa ku Mwami Yesu no ku bamwiringira.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Reba icyo iri somo ryatwigishije k’uburyo Umwami Yesu Kristo atwitaho, no mu bihe bigoye cyane mu gihe tumwiringiye kandi tumwumvira?
2. Nk’Abakristo, ntabwo bivuga ko ibigeragezo n’akarengane bitatugeraho. Ni gute twakwifata mu gihe byatugeraho?
3. Tekereza ku bandi bantu bavugwa muri Bibiliya bafunzwe bazira kwizera kwabo.

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Dushake umugisha w’Imana mu buzima bwacu dusoma Bibiliya no gusenga ngo Imana ituyobore.
2. Bwira abanyeshuri baganire ku cy’ingenzi mu mibereho yabo cyabaye i ‘Beteli’.
3. Abakristo, mu gihe turi mu ngorane, ntidushidikanye ko nyuma tuzazitsinda. **Abaheburayo 13: 5**, - ‘Ntabwo nzabahana, ntabwo nzabibagirwa.

B6 – ICYICIRO 3
Isomo 4 – Ubuzima bwa Yosefu
Icyigwa – Umuyobozi mushya

Muri Bibiliya: *Itangiriro 41: 14-49*

Umurongo w'Urufunguzo: *Itangiriro 41: 32*

Turamenya ko:

1. Yosefu yemeje ko ari Imana ishobora gusobanura za nzozzi ebyiri maze muri uko kwicisha bugufi Imana imuha inshingano.
2. Yosefu yabaye indahemuka ku Mana, atari muri gereza gusa ndetse n'ibwami, kandi Imana yamuhozagaho ijisho.

B6 – ICYICIRO 4
Inyigisho 4 – Yakobo n'umuryango we
Icyigwa – I Kanani

Muri Bibiliya: *Itangiriro 37: 1-36*

Imirongo y'Urufunguzo: *Abefeso 4: 31-32*

Turamenya ko:

1. Gutonesha kw'abantu bishobora gutera ishyari naryo rikajyana ku gukora icyaha n'ingaruka mbi mu mibereho yabo – ari ku ruhande rw'uwatoneshejwe cyangwa ku wagize ishyari.
2. Nubwo mu myaka myinshi abavandimwe be babanye n'icyaha, Yosefu yaje kubihishurira ubwe mbere y'uko se apfa maze haza kuba imbabazi no kwiyinga. (*Itangiriro 50: 20*)

GUTANGIRA ISOMO

Garuka ku nkuru, usobanure ko Imana yarimo gusohozza umugambi wayo mu buzima bwa Yosefu. Bigaragaze kubwo ubuhama bwiza bwa Yosefu (*umurongo 39*) bwatumye azamurwa kuba uwa kabiri mu butegetsi bw'igihugu.

Mu *murongo 42* impeta yerekana ko yakuwe mu mwanya w'ubucakara akajya mu mwanya wo kuba umwana w'umwami; yahawe imyenda y'ihariri myiza ava mu myenda y'ubucakara; ahabwa umukufi w'izahabu bisobanura ko agizwe umutware ndetse ahabwa n'igare *umurongo 43* byerekana ko atakiri imfungwa ahubwo ko afite umudendezo mu bwami bwa Farawo. Yakuwe mu rwobo rwo gukozwa isoni ubwo yari afite imyaka 17, azamurwa mu mwanya w'ikuzo afite imyaka 30. Yari umusore mu nshingano z'umurimo ukomeye!

Erekana umuryango wa Yakobo n'imiterere yawo ubu. Ku by'ahahise h'iyi nyigisho soma mu bindi bice bya Bibiliya:

- (i) **Zaburi 56** – Muganire kuba Abakristo, Imana ikomeza kubarinda n'ubwo sekibi yakongera kubatera.
- (ii) **Matayo 5: 43-48; Abefeso 4: 22-32** – Tera umwete abanyeshuri kugira imyifatire nk'iyi Kristo barebeye muri ibi dusomye mu gihe baba batotezwa cyangwa barwanywa n'abadakunda Umwami cyangwa na bagenzi babo, n'ubwo byaba bigoye cyane.

KURYIGISHA

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Farawo arota inzozzi maze Yosefu akurwa muri gereza ngo asobanure izo nzozzi (*41: 14-16*)
2. Yosefu yasobanuye inzozzi ebyiri za Farawo – imyaka irindwi y'uburumbuke n'imyaka irindwi y'inzara. Farawo agira Yosefu kuba uwa kabiri mu butegetsi no kuyobora gahunda yo guhunika umusaruro. (*41: 17-40*)
3. Umusaruro wari mwinshi mu myaka y'uburumbuke kuburyo ntawabibara. Ubwo imyaka irindwi y'inzara yazaga, hari umusaruro mwinshi urenze wo kugaburira abantu bashonje muri Egipta n'ahandi. (*41: 46-49, 53-55*)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Isomo 4.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Umuyobozi mushya.

Tanga Inkuru ya Bibiliya

Kuvuga no gusobanura:

1. Yosefu yarose inzozzi maze ahinyurwa n'abavandimwe be. (*37: 5-11*)
2. Yosefu yahawe na Yakobo ikanzu ndende y'amabara menshi nk'ikimenyetso cy'urukundo kuri we ariko bituma abavandimwe bamwanga. (*37: 3-4*)
3. Inzozzi za Yosefu zerekana ko abavandimwe be cumi n'umwe na Leya na Yakobo (Rasheli yari yarapfuye) bazamupfukama imbere.
4. Abavandimwe ba Yosefu bararakaye bagambana kumwica maze bamugurisha n'Abishimayeli (Abamidiyani). Batabizi barimo gusohozza umugambi w'Imana ku hazaza heza ha Yosefu. (*37: 19-28*)
5. Abavandimwe be mu mayeri boherereza Yakobo ikanzu ya Yosefu yinitswe mu maraso, nawe yemera ko Yosefu yafuye aririra umwana we yakundaga. Yakobo 'umuriganya' ubu nawe 'arariganijwe'. (*37: 31-35*)

Sobanura Umurongo w'Urufunguzo kandi ushishikarize abana kuwiga.

Igisha Inyigisho 4.

Erekana: reba umugereka “FBI links in Appendix B” – Muri Kanani.

KURISUBIRAMO

Bwira abanyeshuri gutekereza kuba baba ari bo Yosefu wandikira se Yakobo, amubwira ku murimo mushya yahawe! Ni iki bashobora gushyira muri urwo rwandiko?

Subiramo iyi Nyigisho ubaza ibibazo kugira ngo:

- (i) Wemeze abanyeshuri kumva ko Imana igenga byose mu bihe byose by'ubuzima bwabo kandi ko idashaka ko bitura ikibi ku nabi bagiriwe.
- (ii) Bemere gufashwa mu gushyira ibibazo mu Nyigisho 4.

IGIKORWA

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Ni gute iri somo ridutera umwete?
2. Ni iki wize ku kumvira no kudahemuka ku Mana, mu buzima bwa buri munsu?
3. Ni iki waba utegereza kuzabona mu buryo bw'umugisha?

Ni gute iri somo ridusaba kugira icyo dukora?

1. Muganire kuba **Abefeso 4: 32** ari ihame riyobora mu mibereho.
2. Nkuko Umwami Yesu aterekana kubogama ku beza no ku babi, Abakristo twihatire kubabarira buri wese no ku mugirira ubuntu? (**Matayo 5: 44-45**)

Kuyobora abarimu bakosora amasomo

Amasomo y'icyiciro cya 3

- Abanyeshuri ntibashobora kwiga aya masomo ngo bayarangize badakoresheje Bibiliya kandi bashobora no gusoma indi mirongo ya Bibiliya, mikeya cyangwa myinshi.
- Ibibazo bibazwa biri mu buryo butandukanye bukubiyemo amagambo yambukiranya hamwe n'amagambo asobekeranye, amagambo aburamo, n'ibindi.
- Ibibazo byateguriwe yateguriwe cyane gusubizwa hakoreshejwe Bibiliya Yera y'amacapiro ya NIV, Good News, RSV New King James, Bibiliya zose zemewe ndetse na Bibiliya isanzwe yanditse mu rurimi ry'Icyongereza.
- Icy'ingenzi kuri twe ni uko abanyeshuri bose, na Bibiliya yose baba bafite, bazashobora gusubiza ibibazo.
- Buri cyumweru hatangwa amanota 20, ni ukuvuga amanota 80 atarengwa mu kwezi, igihe amasomo yose arangiye neza.
- Ku Cyiciro cya 3 - Ubundi hateganyijwe inota 1 kuri buri kibazo ,nk'uko byasobanuwe

Amasomo y'icyiciro cya 4

- Izi nizo nyandiko zisa n'aho zikomeye ugereranyije n'amasomo y'icyiciro cya 3.
- Murasabwa kwitondera ibibazo n'ibisubizo bitangwa
- Hazajya hatangwa amanota makumyabiri kuri cyumweru na 80 ku kwezi, mu gihe amasomo yarangiye neza ndetse n'ibisubizo byuzuye.

UBURYO BWO GUKOSORA

Mbere na mbere, abarimu barasabwa:

- Tanga amanota uko biteganyijwe
- Koresha buri gihe ibara ritandukanye kandi ushyiye akamenyetso ku gisubizo cy'ukuri
- Shyiramo igisubizo nyacyo, aho biri ngombwa kandi ukosore gusa amakosa y'imyandikire, n'ubwo NTA manota agomba gukurwaho kubera ibyo.
- Tanga amanota makeya nibura ku bisubizo bituzuye.
- Kora igiteranyo cy'ukwezi hanyuma ucyandike ku rupapuro rw'inyuma mu mwanya wabugenewe.
- Kureba neza buri somo no gushyira akamenyetso ku gisubizo nyacyo cyangwa kitari cyo.
- Gushyiraho amanota akwiriye nk'uko byateganyijwe
- Buri gihe koresha ibara ritandukanye igihe ukosora cyangwa ushyira AKAMENYETSO kuri buri gisubizo cy'ukuri.
- Andika igisubizo cy'ukuri aho gikwiye kujya kandi ukosore amakosa y'imyandikire, n'ubwo NTA manota akurwaho.
- Tanga amanota agereranyije ku bisubizo byasubijwe igice cyangwa bituzuye
- Kora igiteranyo cy' amanota y'ukwezi hanyuma uyandike ku rupapuro rw'inyuma mu mwanya wabugenewe.

Ni ngombwa ko ushyiramo ubumuntu n'ubugiraneza kugira ngo utere umwete abanyeshuri biga Amasomo ya Bibiliya. Birafasha cyane iyo buri kwezi umwarimu yanditse akajambo gatera abanyeshuri imbaraga kandi hari umwanya wateganyijwe aho ashobora kubandikira ku mpera y'urupapuro. Ushobora kugira inyunganizi utanga ku mabara yakoreshejwe, umukono w'umunyeshuri, amanota yabonye, uko umunyeshuri yumvise isomo, n'ibindi.

Tugerageza kugira icyo tuvuga ku nyunganizi zinyuranye zatanze; haba ku bibabzo, imvugo, ibigomba kwitonderwa, umwete umunyeshuri agaragaza, n'ibindi. Byose bishobora gukoreshwa kugira ngo itandukaniro ribashe kugaragara. Bisaba kubitekerezaho, ariko ni ngombwa kugira ngo ubashe gushishikaza umunyeshuri. Niba inyunganizi cyangwa ikibazo cyatanze gihora kigaruka buri kwezi, bituma gitakaza agaciro cyari gifite.

ICYICIRO 3

Inyunganizi muri rusange

"Byiza cyane! Rwose wasomye neza ibibazo ubyitondeye. Nifuzaga ko usubiza ikibazo cya cyuma uko cyatanze."

"Uraho Yonatani we! Warakoze ku bisubizo byiza watanze. Ni byiza cyane ko wedaga kuzuza ibibazo byose. Nagerageje kukwerekana ibyo wari wibagiye."

Inyunganizi mu by'Umwuka

"Mose yagiye agira ibihe bigoye mu bana a Isiraheli, ariko Imana ntiyigeze imutererana ngo yisubirize ibibazo yahuye na byo."

"Yosefu ntiyigeze yibagirwa na rimwe koi se yamutoje gukunda Imana. Ibyo yarabyibutse no mu gihe yari kure y'iwabo."

"Barutimayo yari yiyemeje gukurikira Umwami Yesu. Ntiyigeze akorwa n'ikimwaro kuko yabashije kwitegereza maze akabona ko Umwami Yesu ari umuntu udasanzwe."

ICYICIRO 4

Inyunganizi muri rusange

"Andi masomo meza cyane! Urasa n'usobanukiye neza izindi nkuru zo muri Bibiliya kandi ndizera neza rwose ko wazishimiye. Warakoze kubw'umwanya wafashe wo kwiga aya masomo ubyitondeye. Bizagufasha kuyanyuramo neza, kubw; ibyo ndagushimira umwete wagize."

"Rasheli we warakoze. Ndibwira ko kubw'ibisubizo byawe, ushobora kuba utarasobanukiye neza, ariko uzagerageze kongera kunyura mu nyigisho."

Ibisubizo by'Umwuka

"Imigani rimwe na rimwe yitwa inkuru z'isi, ikagira ibisobanuro byimbitse. Ushobora gutekereza ku gisobanuro cyimbitse kiri mu migani y'Icyiciro cya 3?" "Sitefano yapfuye urupfu rw'agashinyaguro, ariko ntiyigeze agira ubwoba bwo gupfa, kuko yari azi ko Imana ibyitegereza kandi aza kubana n'Umwami Yesu mu Ijuru."

Umugereka A – icyiciro cya 3 Amashusho yo muri Bibiliya wakwifashisha

| | Inyito | Amashusho y'Inkuru |
|-----------|-------------------|---|
| B1 | Imigani | Mugenzi wanjye ni nde? |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/good-samaritan/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-064-good-samaritan/ |
| | | Umutunzi |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-rich-fool/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/rich-fool/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/ls-greedy-farmer/ |
| | | Umubibyi |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/parable-sower-seed/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/parable-sower/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-049-parable-sower/ |
| | | Kubabarira abandi |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/unforgiving-servant/ |
| B2 | Ibitangaza | Amazi mo vino |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/wedding-cana/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-wedding/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-016-wedding-cana/ |
| | | Gukiza umwana |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-020-officials-son/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/bible-characters-officials/ |
| | | Guhumura impumyi |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-blind-man/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-blindman-jericho/ |
| | | Ababembe icumi bakijijwe |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-072-ten-leprosy/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/hm-ten-leprosy/ |
| B3 | Betaniya | Abakobwa babiri bava indimwe |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-mary-martha/ |
| | | Agahinda gahindutsemo ibyishimo! |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-lazarus1/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-lazarus2/ |
| | | Kongera gusurwa |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-anointed/ |
| | | Ku nzira ijya i Yerusalemu |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/triumphant-entry/ |

Umugereka B – icyiciro cya 3 Amashusho yo muri Bibiliya wakwifashisha

| | Inyito | Amashusho y'Inkuru |
|-----------|---------------------------|---|
| B4 | Umusaraba | Gupfa |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-093-mocking-jesus/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-094-pilate/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-095-jesus-led/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-096-jesus-crucifixion/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-097-jesus-cross/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-098-jesus-dies/ |
| | | Kuzuka |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-101-jesus-resurrection/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-102-appearance-mary/ |
| | | Kugenda |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-104-appearance-thomas/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-107-jesus-ascension/ |
| | | Kugaruka |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-ascension/ |
| B5 | Abakristo ba mbere | Bateguwe n'Imana! |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-ascension/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/pentecost/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/last-supper-jesus/ |
| | | Biteguye gupfa! |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/stephen-martyred/ |
| | | Batojwe kumva! |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/philip-ethiopian/ |
| | | Bateguriwe kugenda! |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/peter-cornelius/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/bible-characters-officials/ |
| B6 | Yosefu | Karosi |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-dreams/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/josephs-dreams/ |
| | | Umuwandimwe wanzwe |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-pit/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-slave/ |
| | | Imfungwa yiringirwa |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-prison/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-prison-dreams/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-slave/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-potiphar/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-baker-cupbearer/ |
| | | Umuyobozi mushya |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-prison-dreams/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-pharaoh-dreams/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-baker-cupbearer/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/pharaoh-dreams/ |

Umugereka A – icyiciro cya 4 Amashusho yo muri Bibiliya wakwifashisha

| | Inyito | Amashusho y'Inkuru |
|-----------|-------------------|---|
| B1 | Imigani | Abanyamwenda babiri |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-woman-anointing/ |
| | | Mugenzi wange ni nde? |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/parable-good-samaritan/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-064-good-samaritan/ |
| | | Umuntu w'umupfapfa |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/lis-greedy-farmer/ |
| | | Ifunguro rikomeye |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/great-feast/ |
| B2 | Ibitangaza | Amazi mo vino |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/wedding-cana/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-wedding/ |
| | | Gukiza umwana |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-020-officials-son/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/bible-characters-officials/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-centurion/ |
| | | Impumyi Barutimayo |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-blindman-jericho/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-blind-man/ |
| | | Ababembe icumi |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-072-ten-leprosy/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/hm-ten-leprosy/ |
| B3 | Betaniya | Mu rugo |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-mary-martha/ |
| | | Ku gituro |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-lazarus1/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-lazarus2/ |
| | | Ku meza |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-anointed/ |
| | | Ku nzira ijya i Yerusalemu |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/triumphant-entry/ |

Umugereka B – icyiciro cya 4 Amashusho yo muri Bibiliya wakwifashisha

| | Inyito | Amashusho y'Inkuru |
|-----------|------------------------------|---|
| B4 | Umusaraba | Urufu rwe |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-crucified/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-dies/ |
| | | Kuzuka kwe |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/jesus-alive/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-101-jesus-resurrection/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/gnpi-102-appearance-mary/ |
| | | Kuzamurwa kwe |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-ascension/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jesus-ascension/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/pentecost/ |
| | | Kugaruka kwe |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/lumo-ascension/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/last-supper/ |
| B5 | Abakristo ba mbere | Sitefano |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/stephen-martyred/ |
| | | Filipo |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/philip-simon/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/philip-ethiopian/ |
| | | Korumeliyo |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/peter-cornelius/ |
| | | Barinaba |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/peter-john-arrested/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/paul-conversion/ |
| B6 | Yakobo n'Umuryango we | I Harani |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jacob-deceives/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jacob-dream/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jacob-returns/ |
| | | I Penuweli |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jacob-esau-reunited/ |
| | | I Beteli |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/jacob-esau-reunited/ |
| | | I Kanani |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-dreams/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/illustrations/joseph-pit/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/josephs-dreams/ |
| | | https://www.freebibleimages.org/photos/joseph-slave/ |



© Bible Educational Services 2020

www.besweb.com

Registered Charity UK CIO 1186004

RW - 09/2023